ITEKA RYA PEREZIDA N° 021/01 RYO KU WA 24/02/2021 RIGENA IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO KU BAKOZI BA LETA	PRESIDENTIAL ORDER N° 021/01 OF 24/02/2021 DETERMINING PROFESSIONAL ETHICS FOR PUBLIC SERVANTS	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 021/01 DU 24/02/2021 DÉTERMINANT L'ÉTHIQUE PROFESSIONNELLE DES AGENTS DE L'ÉTAT
ITANGIRIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka	**Article 2: Scope of application**	**Article 2: Champ d'application**
Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo	**Article 3: Definitions**	**Article 3: Définitions**
UMUTWE WA II: IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO ISABWA UMUKOZI WA LETA	**CHAPTER II: PROFESSIONAL ETHICS REQUIRED FOR A PUBLIC SERVANT**	**CHAPITRE II: ÉTHIQUE PROFESSIONNELLE REQUISE D'UN AGENT DE L'ÉTAT**
Icyiciro cya mbere: Amahame ayobora umukozi wa Leta	**Section One: Guiding principles of a public servant**	**Section première: Principes directeurs d'un agent de l'État**
Ingingo ya 4: Ubudashyikirwa n'ubunyamwuga	**Article 4: Excellence and professionalism**	**Article 4: Excellence et professionnalisme**
Ingingo ya 5: Kubazwa	**Article 5: Accountability**	**Article 5: Responsabilité**
Ingingo ya 6: Ubunyangamugayo no kwizerwa	**Article 6: Integrity and trustworthiness**	**Article 6: Intégrité et fiabilité**
Ingingo ya 7: Kwita ku bagenerwa serivisi	**Article 7: Person-centeredness of service**	**Article 7: Prestation de services axés sur la personne**

Ingingo ya 8: Kutabogama	**Article 8: Impartiality**	**Article 8: Impartialité**
Ingingo ya 9: Gukorera mu mucyo n'ubufatanye	**Article 9: Transparency and collaboration**	**Article 9: Transparence et collaboration**
Icyiciro cya 2: Imyitwarire rusange y'umukozi wa Leta	**Section 2: General conduct of a public servant**	**Section 2: Conduite générale d'un agent de l'État**
Ingingo ya 10: Imyitwarire y'umukozi wa Leta	**Article 10: Conduct of a public servant**	**Article 10: Conduite d'un agent de l'État**
Ingingo ya 11: Gucunga neza umutungo n'abakozi	**Article 11: Efficient management of property and human resources**	**Article 11: Gestion efficace du patrimoine et des ressources humaines**
Ingingo ya 12: Imyitwarire imbere y'abagenerwa serivisi	**Article 12: Relationship with service beneficiaries**	**Article 12: Relation avec les bénéficiaires de services**
Ingingo ya 13: Imyitwarire ku muyobozi umukuriye mu kazi	**Article 13: Relationship with the supervisor**	**Article 13: Relation avec le supérieur hiérarchique**
Ingingo ya 14: Imyitwarire imbere y'abo ayobora	**Article 14: Relationship with employees under his or her supervision**	**Article 14: Relation avec les agents sous sa supervision**
Ingingo ya 15: Imyitwarire imbere y'abo bakorana mu kazi	**Article 15: Relationship with colleagues**	**Article 15: Relation avec les collègues de travail**
Ingingo ya 16: Uburyozwe bw'umuyobozi	**Article 16: Superior responsibility**	**Article 16: Responsabilité du supérieur**
Ingingo ya 17: Kubuzwa kwakira cyangwa kwemera impano	**Article 17: Prohibition from obtaining or accepting gifts**	**Article 17: Interdiction d'obtenir ou d'accepter des cadeaux**
UMUTWE WA III: AMAHAME AGENGA IMIHANIRE N'AKANAMA	**CHAPTER III: PRINCIPLES GOVERNING THE DISCIPLINARY**	**CHAPITRE III: PRINCIPES RÉGISSANT LE RÉGIME**

GASHINZWE GUKURIKIRANA AMAKOSA	REGIME AND INTERNAL DISCIPLINARY COMMITTEE	DISCIPLINAIRE ET LE COMITÉ INTERNE DE DISCIPLINE
Ingingo ya 18: Amahame agenga ikurikirana ry'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 18: Principles governing disciplinary proceedings**	**Article 18: Principes régissant la procédure disciplinaire**
Ingingo ya 19: Impamvu zoroshya uburemere bw'ikosa	**Article 19: Mitigating circumstances**	**Article 19: Circonstances atténuantes**
Ingingo ya 20: Impamvu zongera uburemere bw'ikosa	**Article 20: Aggravating circumstances**	**Article 20: Circonstances aggravantes**
Ingingo ya 21: Kugena uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 21: Determination of the severity of a disciplinary fault**	**Article 21: Détermination de la gravité d'une faute disciplinaire**
Ingingo ya 22: Ishyirwaho ry'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	**Article 22: Establishment of an internal disciplinary committee**	**Article 22: Mise en place d'un comité interne de discipline**
Ingingo ya 23: Inshingano z'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	**Article 23: Responsibilities of the internal disciplinary committee**	**Article 23: Attributions du comité de discipline**
Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'akanama kadahoraho gashinzwe gukurikirana amakosa n'inshingano zako	**Article 24: Establishment of an ad hoc disciplinary committee and its responsibilities**	**Article 24: Mise en place d'un comité ad hoc de discipline et ses responsabilités**
UMUTWE WA IV: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI, IBIHANO N'UBURYO BWO GUKURIKIRANA AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI	**CHAPTER IV: DISCIPLINARY FAULTS, SANCTIONS AND DISCIPLINARY PROCEEDINGS**	**CHAPITRE IV: FAUTES DISCIPLINAIRES, SANCTIONS ET PROCÉDURE DISCIPLINAIRE**
Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'akazi	**Section One: Disciplinary faults and sanctions**	**Section première: Fautes et sanctions disciplinaires**

Ingingo ya 25: Ingaruka zo kutubahiriza imyitwarire mbonezamurimo	**Article 25: Effects of breaching professional ethics**	**Article 25: Effets de la violation de l'éthique professionnelle**
Ingingo ya 26: Ibihano byo mu rwego rw'akazi	**Article 26: Disciplinary sanctions**	**Article 26: Sanctions disciplinaires**
Ingingo ya 27: Kwihanangirizwa	**Article 27: Warning**	**Article 27: Avertissement**
Ingingo ya 28: Kugawa	**Article 28: Reprimand**	**Article 28: Blâme**
Ingingo ya 29: Guhagarikwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3)	**Article 29: Suspension for a maximum period of three (3) months**	**Article 29: Suspension pour une période maximale de trois (3) mois**
Ingingo ya 30: Kwirukanwa ku kazi	**Article 30: Dismissal**	**Article 30: Révocation**
Ingingo ya 31: Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Article 31: Determination of other acts considered as disciplinary faults**	**Article 31: Détermination d'autres actes considérés comme fautes disciplinaires**
Ingingo ya 32: Amakosa yo mu rwego rw'akazi akomoka ku cyaha	**Article 32: Disciplinary faults arising from an offence**	**Article 32: Fautes disciplinaires résultant d'une infraction**
Ingingo ya 33: Umukozi wa Leta wakatiwe igihano cy'igifungo	**Article 33: A public servant sentenced to an imprisonment**	**Article 33: Un agent de l'État condamné à une peine d'emprisonnement**
Ingingo ya 34: Kwirukana umukozi wa Leta kubera guta akazi	**Article 34: Dismissal of a public servant due to desertion**	**Article 34: Révocation d'un agent de l'État pour désertion**
Ingingo ya 35: Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo	**Article 35: Faults relating to declaration of property**	**Article 35: Fautes relatives à la déclaration du patrimoine**
Icyiciro cya 2: Uburyo bwo gukurikirana amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Section 2: Disciplinary proceedings**	**Section 2: Procédure disciplinaire**
Ingingo ya 36: Uburyo bwo gukurikirana	**Article 36: Disciplinary proceedings of a**	**Article 36: Procédure disciplinaire d'un**

umukozi wa Leta ukekwaho ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**public servant on alleged disciplinary fault**	**agent de l'État pour faute disciplinaire alléguée**
Ingingo ya 37: Guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo mu gihe cy'ipereereza ryo mu rwego rw'akazi	**Article 37: Suspension from duties during disciplinary investigation**	**Article 37: Suspension des fonctions lors de l'enquête disciplinaire**
Ingingo ya 38: Kwishyura umushahara mu gihe cy'ihagarikwa ku mirimo ry'agateganyo	**Article 38: Payment of salary during suspension from duties**	**Article 38: Paiement du salaire lors de la suspension des fonctions**
Ingingo ya 39: Igihe ntarengwa cyo gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 39: Deadline for proceedings over a disciplinary fault**	**Article 39: Délai imparti pour la poursuite pour faute disciplinaire**
Ingingo ya 40: Umuyobozi ufite ububasha bwo gukurikirana no gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi	**Article 40: Competent authority for disciplinary proceedings and imposition of a disciplinary sanction**	**Article 40: Autorité compétente pour la procédure disciplinaire et l'imposition d'une sanction disciplinaire**
Ingingo ya 41: Ikurikiranwa ry'umukozi wa Leta wavuye mu rwego rwa Leta akajya mu rundi rwego rwa Leta	**Article 41: Proceedings against a public servant who moves from one public institution to another**	**Article 41: Poursuite contre un agent de l'État qui quitte une institution publique pour une autre**
Ingingo ya 42: Uburyo bwo gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi	**Article 42: Modalities of imposing a disciplinary sanction**	**Article 42: Modalités d'imposition d'une sanction disciplinaire**
Ingingo ya 43: Urutonde rw'abatemerewe gukora akazi mu butegetsi bwa Leta	**Article 43: Blacklist**	**Article 43: Liste noire**
Ingingo ya 44: Ubwishyu bwo kwangiza cyangwa guta igikoresho cy'akazi	**Article 44: Payment for loss or damage of service equipment**	**Article 44: Remboursement pour la perte ou endommagement du matériel de service**
Ingingo ya 45: Guhana impurirane y'amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Article 45: Sanctioning concurrent disciplinary faults**	**Article 45: Sanctionner le concours de fautes disciplinaires**

UMUTWE WA V: IHANAGURABUSEMBWA N'UBUSAZE BW'IKOSA RYO MU RWEGO RW'AKAZI	**CHAPTER V: REHABILITATION AND PRESCRIPTION OF A DISCIPLINARY FAULT**	**CHAPITRE V: RÉHABILITATION ET PRESCRIPTION D'UNE FAUTE DISCIPLINAIRE**
Ingingo ya 46: Ihanagurabusembwa	**Article 46: Rehabilitation**	**Article 46: Réhabilitation**
Ingingo ya 47: Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ihanagurabusembwa	**Article 47: Competent authority with power to grant rehabilitation**	**Article 47: Autorité compétente ayant le pouvoir d'accorder la réhabilitation**
Ingingo ya 48: Ibisabwa mu gutanga ihanagurabusembwa	**Article 48: Requirements for granting rehabilitation**	**Article 48: Conditions pour accorder la réhabilitation**
Ingingo ya 49: Inkurikizi z'ihanagurabusembwa	**Article 49: Effects of rehabilitation**	**Article 49: Effets de la réhabilitation**
Ingingo ya 50: Ubusaze bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 50: Prescription of a disciplinary fault**	**Article 50: Prescription d'une faute disciplinaire**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 51: Amakosa yo mu rwego rw'akazi yatangiye gukurikiranwa	**Article 51: Pending disciplinary cases**	**Article 51: Affaires disciplinaires en cours**
Ingingo ya 52: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 52: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 52: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Ingingo ya 53: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 53: Repealing provision**	**Article 53: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 54: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 54: Commencement**	**Article 54: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA PEREZIDA N° 021/01 RYO KU WA 24/02/2021 RIGENA IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO KU BAKOZI BA LETA	PRESIDENTIAL ORDER N° 021/01 OF 24/02/2021 DETERMINING PROFESSIONAL ETHICS FOR PUBLIC SERVANTS	ARRÊTÉ PRÉSIDENTIEL N° 021/01 DU 24/02/2021 DÉTERMINANT L'ÉTHIQUE PROFESSIONNELLE DES AGENTS DE L'ÉTAT
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République;
Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;	Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;
Dushingiye ku Itegeko nº 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta nk'uko ryahinduwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 40, iya 66, iya 67 n'iya 68;	Pursuant to Law nº 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants as amended to date, especially in Articles 40, 66,67 and 68;	Vu la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 40, 66, 67 et 68;
Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;	On proposal by the Minister of Public Service and Labour;	Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 02/02/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 02/02/2021;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 02/02/2021;
TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:	**HAVE ORDERED AND ORDER:**	**AVONS ARRÊTÉ ET ARRÊTONS:**

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE	**CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS**	**CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES**
Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije	**Article One: Purpose of this Order**	**Article premier: Objet du présent arrêté**
Iri teka rigena: 1° imyitwarire mbonezamurimo isabwa umukozi wa Leta; 2° amahame y'ingenzi agenga imyitwarire ngenderwaho mu butegetsi bwa Leta; 3° amakosa mu rwego rw'akazi n'ibihano byayo; 4° amakosa yo mu rwego rw'akazi akomoka ku cyaha cyakorewe mu kazi cyangwa hanze y'akazi; 5° uburyo bwo gukurikirana no guhana umukozi wa Leta ukoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi.	This Order determines: 1° professional ethics required for a public servant; 2° core guiding principles that ensure ethical standards in public service; 3° disciplinary faults and related sanctions; 4° disciplinary faults arising from an offence committed at workplace or out of service; 5° disciplinary proceedings to impose sanctions to a public servant who commits a disciplinary fault.	Le présent arrêté détermine: 1° l'éthique professionnelle requise d'un agent de l'État; 2° les principes fondamentaux régissant l'éthique dans la fonction publique; 3° des fautes disciplinaires et sanctions y relatives; 4° des fautes disciplinaires résultant d'une infraction commise au travail ou en dehors de service; 5° des procédures disciplinaires pour imposer les sanctions à un agent de l'État qui commet une faute disciplinaire.
Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka	**Article 2: Scope of application**	**Article 2: Champ d'application**
Iri teka rireba: 1° umukozi wa Leta ugengwa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta;	This Order applies to: 1° a public servant governed by the law establishing the general statute governing public servants;	Le présent arrêté s'applique à: 1° un agent de l'État régi par la loi portant statut général régissant les agents de l'État;

2° umukozi wa Leta ugengwa n'amasezerano y'umurimo; 3° umukozi wa Leta ugengwa na sitati yihariye ariko iyo sitati idateganya imyitwarire mbonezamurimo yihariye, amakosa yo mu rwego rw'akazi, uburyo bwo kuyakurikirana n'ibihano bijyanye na yo.	2° a public servant governed by an employment contract; 3° a public servant governed by a special statute but the latter does not provide for specific professional ethics, faults, disciplinary proceedings and related sanctions.	2° un agent de l'État régi par le contrat de travail; 3° un agent de l'État régi par un statut particulier mais que ce dernier ne prévoit pas l'éthique professionnelle spécifique, les fautes, la procédure disciplinaire et des sanctions y relatives.
<u>Ingingo ya 3</u>: Ibisobanuro by'amagambo	**<u>Article 3</u>: Definitions**	**<u>Article 3</u>: Définitions**
Muri iri teka amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira: 1° **afatiwe mu cyuho:** igihe umukozi wa Leta afashwe akora ikosa ryo mu rwego rw'akazi cyangwa amaze kurikora ako kanya kandi hari ibimenyetso bifatika byemeza nta gushidikanya imikorere y'ikosa; 2° **ikosa rikomeye:** igikorwa, ikitakozwe cyangwa imyitwarire mibi hashingiwe ku buremere cyangwa uburyo byakozwemo, byangiza isura y'Igihugu, iy'ubutegetsi bwa Leta, imitangire ya serivisi, bigira ingaruka mbi mu by'imari ku mafaranga cyangwa umutungo bya Leta, cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose kibangamira inyungu rusange;	In this Order, the following terms have the following meanings: 1° **caught in the commission of act:** a situation in which a public servant is caught in the course of committing a disciplinary fault or immediately after committing it and there is reliable evidence proving beyond reasonable doubt such commission; 2° **gross misconduct:** act, omission or unethical behaviour based on the seriousness or circumstances under which they were committed, that undermine the reputation of the country, public service, service delivery, has a negative financial implication on public funds or properties or any other act that is detrimental to public interest;	Dans le présent arrêté, les termes ci-après ont les significations suivantes: 1° **pris dans la commission d'un acte:** une situation dans laquelle un agent de l'État est surpris en train de commettre ou immédiatement après avoir commis une faute disciplinaire et qu'il existe des preuves fiables prouvant au-delà de tout doute raisonnable cette commission; 2° **faute lourde:** acte, omission ou comportement contraire à l'éthique selon la gravité ou les circonstances dans lesquelles ils ont été commis, qui portent atteinte à la réputation du pays, du service public, à la prestation de service, ont une implication financière négative sur les fonds ou le patrimoine de l'État ou tout autre acte préjudiciable à l'intérêt public;

3° **imyitwarire mbonezamurimo:** amahame n'indangagaciro bigenga imyitwarire myiza n'imyitwarire y'umukozi wa Leta, nk'umuntu ufitiwe icyizere n'abaturage.	3° **professional ethics:** principles and values that govern good conduct and behaviour of a public servant, as a holder of public trust.	3° **éthique professionnelle:** principes et valeurs qui régissent la bonne conduite et le comportement d'un agent de l'État, en tant que détenteur de la confiance du public.
UMUTWE WA II: IMYITWARIRE MBONEZAMURIMO ISABWA UMUKOZI WA LETA	**CHAPTER II: PROFESSIONAL ETHICS REQUIRED FOR A PUBLIC SERVANT**	**CHAPITRE II: ÉTHIQUE PROFESSIONNELLE REQUISE D'UN AGENT DE L'ÉTAT**
Icyiciro cya mbere: Amahame ayobora umukozi wa Leta	**Section One: Guiding principles of a public servant**	**Section première: Principes directeurs d'un agent de l'État**
Ingingo ya 4: Ubudashyikirwa n'ubunyamwuga	**Article 4: Excellence and professionalism**	**Article 4: Excellence et professionnalisme**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État:
1° ni urangwa no guhanga ibishya, ushaka ibisubizo kandi ugira uruhare mu iterambere rijyanye n'imibereho myiza y'abaturage;	1° is innovative, solution-oriented and contributes to the development aligned with the well-being of the society;	1° est innovant, axé sur la recherche des solutions et contribue à un développement en accord avec le bien-être de la société;
2° yuzuza inshingano ashingiye ku bumenyi n'ubuhanga mu kazi akora;	2° performs duties based on the best knowledge and skills in his or her work;	2° exerce ses attributions sur la base des meilleures connaissances et compétences dans son travail;
3° yihatira gukomeza kumenya iterambere rirebana n'urwego rw'umurimo akoramo no guhora ashaka kwiga kugira ngo asohoze neza inshingano ze.	3° strives to keep himself or herself consistently informed about development in his or her relevant field and to have an openness to learn in order to perform his or her duties effectively.	3° s'efforce de se tenir constamment informé de l'évolution de son domaine et d'avoir une ouverture à l'apprentissage afin de s'acquitter efficacement de ses attributions.

Ingingo ya 5: Kubazwa	**Article 5: Accountability**	**Article 5: Responsabilité**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État:
1° akora inshingano kandi ibikorwa yakoze n'ibyemezo yafashe akabigira ibye akirengera n'ingaruka zabyo;	1° takes responsibility and ownership for his or her actions and decisions as well as consequences;	1° assume la responsabilité et l'appropriation de ses actions et décisions ainsi que de leurs conséquences;
2° abazwa ibikorwa yakoze n'ibyo atakoze.	2° is answerable for actions and omissions.	2° est responsable de ses actes et omissions.
Ingingo ya 6: Ubunyangamugayo no kwizerwa	**Article 6: Integrity and trustworthiness**	**Article 6: Intégrité et fiabilité**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État:
1° arangwa n'amahame yo mu rwego rwo hejuru y'ubunyangamugayo, yihesha agaciro, akora nta buhemu kandi akirinda kwangiza izina ry'ubutegetsi bwa Leta;	1° demonstrates the highest standards of integrity, dignity, acts in good faith and refrains from harming the reputation of the public service;	1° fait preuve des plus hauts standards d'intégrité, de dignité, agit de bonne foi et s'abstient de nuire à la réputation de la fonction publique;
2° acunga ibikoresho n'umutungo bya Leta ashinzwe, bikoreshwa ibyo byagenewe neza kandi atabitagaguza;	2° handles State assets and resources entrusted to him or her purposefully, effectively and economically;	2° gère les biens et les ressources de l'État qui lui sont confiés à dessein, efficacement et économiquement;
3° ntagomba kwivanga mu bikorwa ibyo ari byo byose bibangamira inshingano ze;	3° must not engage in any action that is in conflict with his or her work duties;	3° ne doit se livrer à aucune action en conflit avec ses attributions;
4° agaragaza uburiganya, ruswa, icyenewabo cyangwa indi mikorere	4° disclose fraud, corruption, nepotism or any other malpractice.	4° dénonce la fraude, la corruption, le népotisme ou toute autre

mibi yose yabonye.		malversation.
Ingingo ya 7: Kwita ku bagenerwa serivisi	**Article 7: Person-centeredness of service delivery**	**Article 7: Prestation de services axés sur la personne**
Umukozi wa Leta agomba:	A public servant must:	Un agent de l'État doit:
1° gukorera abaturage;	1° be at the service of the citizens;	1° être au service des citoyens;
2° kwitwararika, kugira umwete, n'ikinyabupfura; no	2° be careful, diligent and polite; and	2° être prudent, diligent et poli; et
3° gutanga serivisi inoze.	3° provide efficient service.	3° fournir un service de qualité.
Ingingo ya 8: Kutabogama	**Article 8: Impartiality**	**Article 8: Impartialité**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État:
1° afata abantu bose kimwe nta vangura iryo ari ryo ryose;	1° treats all people equally without any discrimination;	1° traite toutes les personnes d'une manière égale sans aucune discrimination;
2° arangwa no kutabogama mu gihe akora inshingano ze cyangwa mu gihe afata icyemezo;	2° is objective in performing duties or while making a decision;	2° est objectif dans l'exercice de ses attributions ou lors de la prise de décision;
3° akora mu nyungu z'ubutegetsi bwa Leta aho kuba inyungu z'umuntu ku giti cye;	3° acts in the interests of public service instead of personal interest;	3° agit dans les intérêts de la fonction publique plutôt que dans l'intérêt personnel;
4° yirinda impano, agahimbazamusyi, serivisi cyangwa ruswa bishobora gutuma ubwigenge n'intego bye bishidikanywaho.	4° refrains from gifts, incentives, services or corruption that can call their independence and objectiveness into doubt.	4° s'abstient de tout cadeau, motivation, service, pot-de-vin ou corruption pouvant mettre en doute son indépendance et son objectivité.

Kubogama, urwikekwe, kugongana kw'inyungu cyangwa ingaruka zidakwiye ntibisimbura ubunyamwuga bw'imyitwarire y'umukozi wa Leta.	Bias, prejudice, conflict of interest or undue influence do not supersede the professionalism of conduct of a public servant.	Le parti pris, préjugé, conflit d'intérêts ou influence indue ne remplacent pas le professionnalisme de la conduite d'un agent de l'État.
Ingingo ya 9: Gukorera mu mucyo n'ubufatanye	**Article 9: Transparency and collaboration**	**Article 9: Transparence et collaboration**
Umukozi wa Leta: 1° akoresha ubuyobozi afite mu buryo bunyuze mu mucyo kandi bwumvikana; 2° agomba gukorera mu mucyo ku byemezo afata n'ibikorwa byose akora; 3° agomba gufatanya n'abandi hagamijwe kugera ku ntego rusange kandi agashyira abafatanyabikorwa n'abaturage mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya politiki, amategeko, ingamba n'ibyemezo bya Leta.	A public servant: 1° exercises public authority in a transparent and understandable manner; 2° must be as open as possible about all the decisions and actions that he or she takes; 3° must collaborate with others for the purpose of attaining common goals and involve stakeholders and the public in the preparation and implementation of Government policies, laws, strategies and decisions.	Un agent de l'État: 1° exerce l'autorité publique d'une manière transparente et compréhensible; 2° doit être aussi ouvert que possible au sujet de toutes les décisions et actions qu'il prend; 3° doit collaborer avec d'autres dans le but d'atteindre des objectifs communs et impliquer les parties prenantes et le public dans la préparation et la mise en œuvre des politiques, lois, stratégies et décisions gouvernementales.
Icyiciro cya 2: Imyitwarire rusange y'umukozi wa Leta	**Section 2: General conduct of a public servant**	**Section 2: Conduite générale d'un agent de l'État**
Ingingo ya 10: Imyitwarire y'umukozi wa Leta	**Article 10: Conduct of a public servant**	**Article 10: Conduite d'un agent de l'État**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État:

1° yubaha amategeko akanakoresha ububasha bwe mu buryo buteganywa n'amategeko;	1° abides by the law and exercises authority within the limits provided by the law;	1° se conforme à la loi et exerce son autorité dans les limites prévues par la loi;
2° akorana ubunyangamugayo, kutabogama, gukorera mu mucyo, kugira intego, ubudashyikirwa, n'imikoranire myiza;	2° serves with integrity, impartiality, transparency, objectivity, excellence, and ensures good working relations;	2° agit avec honnêteté, intégrité, impartialité, transparence, objectivité, excellence et assurer de bonnes relations de travail
3° akorera abaturage, ashyira imbere inyungu rusange kuruta inyungu z'umuntu ku giti cye kandi akamenya ko ibyemezo bye bigira ingaruka ku baturage no ku muryango;	3° is at the service of the people, maintaining focus on public interests over personal interests and aware that his or her decisions impact people and society;	3° est au service de la population, fait passer les intérêts publics avant les intérêts personnels et est conscient que ses décisions ont des conséquences sur la population et la société;
4° yitwara mu buryo bwiyubaha, akora yitwararika kandi agakorana umwete;	4° conducts himself or herself in a respectable manner, acting responsibly and diligently;	4° se conduit d'une manière respectable, agissant de façon responsable et diligente;
5° akora inshingano ze mu buryo bwa kinyamwuga n'ubuhanga kandi abazwa ibyo ashinzwe n'abamuyobora mu kazi ndetse n'ubuyobozi bireba;	5° executes his or her duties in a professional and competent manner and is accountable for the performance of his or her duties to supervisors and concerned public authority;	5° exerce ses attributions d'une manière professionnelle et compétente et est responsable de l'exercice de ses attributions devant ses supérieurs hiérarchiques et l'autorité publique concernées;
6° yirinda kugongana kw'inyungu;	6° must avoid any conflict of interest;	6° doit éviter tout conflit d'intérêts;
7° yirinda kwiyitirira ibyagezweho n'urwego rwa Leta;	7° refrains from personalising public institution's success;	7° s'abstient de personnaliser le succès de l'institution publique;
8° yirinda ruswa cyangwa ibindi bikorwa ibyo ari byo byose bifitanye isano na ruswa;	8° refrains from corruption and any other corrupt related acts;	8° s'abstient de la corruption et de tous les autres actes relatifs à la corruption;

9° agomba kudahemuka no kubika ibanga ry'akazi. Itangazwa ry'amakuru y'ibanga rikorwa hakurikije amategeko abigenga;	9° must be loyal and maintain confidentiality. The disclosure of confidential information is done in accordance with relevant laws;	9° doit être loyal et garder le secret professionnel. La divulgation des informations confidentielles est faite conformément à la législation en la matière;
10° yirinda gukoresha cyangwa kunywa inzoga cyangwa ibindi bisindisha mu gihe ari mu kazi.	10° refrains from use or consumption of alcohol or other intoxicating substances while on duty.	10° s'abstient d'utiliser ou de consommer de l'alcool ou d'autres substances intoxicantes pendant le service.
Ingingo ya 11: Gucunga neza umutungo n'abakozi	**Article 11: Efficient management of property and human resources**	**Article 11: Gestion efficace du patrimoine et des ressources humaines**
Umukozi wa Leta asabwa gucunga neza umutungo wa Leta ashinzwe hitabwa ku gaciro k'amafaranga.	A public servant is required to efficiently manage government resources under his or her responsibility taking into account value for money.	Un agent de l'État est tenu de gérer efficacement les ressources de l'État sous sa responsabilité en tenant compte d'un rapport qualité-prix.
Umukozi wa Leta ufite mu nshingano gucunga abandi bakozi ba Leta agomba kubacunga neza.	A public servant with the responsibility of managing other public servants is required to ensure their efficient management.	Un agent de l'État chargé de gérer d'autres agents de l'État est tenu d'assurer leur gestion efficace.
Ingingo ya 12: Imyitwarire imbere y'abagenerwa serivisi	**Article 12: Relationship with service beneficiaries**	**Article 12: Relation avec les bénéficiaires de services**
Umukozi wa Leta:	A public servant:	Un agent de l'État :
1° agomba gutanga serivisi yubaha abazigenerwa;	1° must serve beneficiaries with respect;	1° doit servir les bénéficiaires avec respect ;
2° amenya uburenganzira bw'abaturage bwo kubona amakuru, keretse amakuru arengerwa n'itegeko mu buryo runaka.	2° recognises the public's right of access to information, excluding information that is specifically protected by law.	2° reconnaît le droit d'accès du public aux informations, à l'exclusion des informations spécifiquement

		protégées par la loi.
Ingingo ya 13: Imyitwarire ku muyobozi umukuriye mu kazi	**Article 13: Relationship with the supervisor**	**Article 13: Relation avec le supérieur hiérarchique**
Umukozi wa Leta imbere y'abayobozi be bamukuriye mu kazi, agomba:	A public servant with regard to supervisors, must:	Un agent de l'État à l'égard de ses supérieurs, hiérarchiques doit :
1° kurangwa no kubaha n'ikinyabupfura;	1° demonstrate respect and politeness;	1° faire preuve de respect et de politesse;
2° kubaha amabwiriza ahawe n'umukuriye mu kazi;	2° respect instructions of his or her supervisor;	2° respecter les instructions de son supérieur hiérarchique;
3° gutanga amakuru y'ukuri.	3° provide accurate information.	3° fournir des informations exactes.
Ingingo ya 14: Imyitwarire imbere y'abo ayobora	**Article 14: Relationship with employees under his or her supervision**	**Article 14: Relation avec les agents sous sa supervision**
Umuyobozi imbere y'abakozi ayobora agomba:	A supervisor in regard to employees under his or her supervision must:	Le supérieur hiérarchique, à l'égard des agents sous sa supervision, doit :
1° guteza imbere imyitwarire mbonezamurimo ihamye no kugira imyitwarire myiza;	1° cultivate strong professional ethics and promote good conduct;	1° cultiver une éthique professionnelle solide et promouvoir une bonne conduite;
2° kwiyemeza iterambere no gushishikaza abakozi ayobora kugira umwete;	2° be committed to optimal development and motivation of employees under his or her supervision;	2° s'engager pour un développement optimal et la motivation des agents sous sa supervision;
3° gufata kimwe abakozi ayobora;	3° ensure equal treatment of employees under his or her supervision;	3° assurer un traitement égal des agents sous sa supervision;
4° gushishikariza ibitekerezo bitandukanye;	4° encourage diversity of ideas and thoughts;	4° encourager la diversité des idées et des pensées;

5° gushyiraho no guteza imbere umubano mwiza w'imikoranire, gukorera hamwe, no guteza imbere itumanaho ritanga umusaruro mu bo ayobora.	5° create and promote favourable working relationships, teamwork as well as effective and productive communication.	5° créer et promouvoir des relations de travail favorables, le travail en équipe ainsi qu'une communication efficace et productive.
<u>Ingingo ya 15</u>: Imyitwarire imbere y'abo bakorana mu kazi	**<u>Article 15</u>: Relationship with colleagues**	**<u>Article 15</u>: Relation avec les collègues de travail**
Umukozi wa Leta imbere y'abo bakorana, agomba:	A public servant with regard to colleagues, must:	Un agent de l'État à l'égard de ses collègues de travail, doit :
1° kubahana;	1° behave with mutual respect;	1° avoir un respect mutuel;
2° kwirinda ivangura iryo ari ryo ryose;	2° avoid any form of discrimination;	2° éviter toute forme de discrimination;
3° kutabangamira bagenzi be mu kuzuza inshingano zabo;	3° not hinder colleagues from performing their duties;	3° ne pas gêner ses collègues dans l'exercice de leurs attributions;
4° guharanira imikoranire myiza kugira ngo hatangwe serivisi inoze.	4° ensure a good working relationship for efficient service provision.	4° assurer une bonne relation de travail pour une prestation de service efficace.
<u>Ingingo ya 16</u>: Uburyozwe bw'umuyobozi	**<u>Article 16</u>: Superior responsibility**	**<u>Article 16</u>: Responsabilité du supérieur**
Umuyobozi ukuriye umukozi wa Leta mu kazi ntahishira ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryakozwe cyangwa rigiye gukorwa n'uwo ayobora.	A supervisor of a public servant does not condone a disciplinary fault committed or about to be committed by an employee under his or her supervision.	Le supérieur hiérarchique d'un agent de l'État ne dissimule pas une faute disciplinaire commise ou sur le point d'être commise par un agent sous sa supervision.
Umuyobozi ukuriye umukozi wa Leta mu kazi aryozwa kutagira icyo akora ku ikosa ryakozwe n'umukozi ayobora iyo yamenye ko ikosa ryakozwe cyangwa rigiye gukorwa.	A supervisor of a public servant is accountable for inaction regarding a fault committed by an employee under his or her supervision in case he or she was aware that the fault was	Le supérieur hiérarchique d'un agent de l'État est responsable d'une inaction à l'égard d'une faute commise par un agent sous sa supervision dans le cas où il savait que la faute

	committed or was about to be committed.	a été commise ou était sur le point d'être commise.
<u>Ingingo ya 17</u>: Kubuzwa kwakira cyangwa kwemera impano	**<u>Article 17</u>: Prohibition from obtaining or accepting gifts**	**<u>Article 17</u>: Interdiction d'obtenir ou d'accepter des cadeaux**
Umukozi wa Leta abujijwe gusaba cyangwa kwemera impano keretse ku mpamvu zikurikira: 1° kurinda isura nziza y'Igihugu; 2° kubaha umuco w'Igihugu cy'amahanga; 3° gushimirwa imikorere myiza cyangwa guhanga ibishya	A public servant is prohibited from soliciting or accepting gifts, except for the following purposes: 1° safeguarding the good image of the country; 2° respect of foreign culture; 3° recognition for performance or innovation.	Il est interdit à un agent de l'État de demander ou d'accepter des cadeaux, sauf pour les objectifs suivants: 1° sauvegarder la bonne image du pays; 2° respecter la culture d'un pays étranger; 3° reconnaissance de la performance ou de l'innovation.
Umukozi wa Leta wakiriye impano ayishyikiriza urwego akorera iherekejwe n'ibaruwa isobanura inkomoko yayo.	A public servant who receives a gift is required to deliver it to the respective institution with a letter specifying its origin.	Un agent de l'État qui reçoit un cadeau le remet à l'institution pour laquelle il travaille accompagné d'une lettre précisant son origine.
Iyo impano ari ibikoreshwa n'umuntu ku giti cye, umukozi wa Leta wayihawe ashobora kuyigumana igihe abyemerewe n'umuyobozi w'urwego akorera.	If the gift is meant for personal use, a public servant who receives the gift may retain it upon approval by the head of the institution.	Lorsque le cadeau est d'usage personnel, l'agent de l'État qui a reçu ce cadeau peut le garder pour lui-même après approbation du chef de l'institution.

UMUTWE WA III: AMAHAME AGENGA IMIHANIRE N'AKANAMA GASHINZWE GUKURIKIRANA AMAKOSA	**CHAPTER III: PRINCIPLES GOVERNING THE DISCIPLINARY REGIME AND INTERNAL DISCIPLINARY COMMITTEE**	**CHAPITRE III: PRINCIPES RÉGISSANT LE RÉGIME DISCIPLINAIRE ET LE COMITÉ INTERNE DE DISCIPLINE**
Ingingo ya 18: Amahame agenga ikurikirana ry'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 18: Principles governing disciplinary proceedings**	**Article 18: Principes régissant la procédure disciplinaire**
Gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi bigomba kubahiriza amahame akurikira:	Disciplinary proceedings must respect the following principles:	La procédure disciplinaire doit respecter les principes suivants:
1° umukozi wa Leta ukekwaho ikosa ryo mu rwego rw'akazi akomeza kubahirwa uburenganzira bwe ntayegayezwa nk'umuntu;	1° a public servant alleged to have committed a disciplinary fault continues to be respected for his or her inalienable rights as a human being;	1° un agent de l'État soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire continue d'être respecté pour ses droits inaliénables en tant qu'un être humain;
2° gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi ry'umukozi wa Leta bikorwa mu nyandiko;	2° the disciplinary proceedings of a public servant is conducted in writing;	2° la procédure disciplinaire d'un agent de l'État est menée par écrit;
3° nta gihano cyo mu rwego rw'akazi gishobora guhabwa umukozi wa Leta atabanje guhabwa umwanya wo kwisobanura mu nyandiko, keretse ku mpamvu zimwe ziteganywa n'iri teka;	3° no disciplinary sanction can be imposed against a public servant without being given the opportunity to provide written defence, except for some reasons provided for in this Order;	3° aucune sanction disciplinaire ne peut être imposée à un agent de l'État sans avoir eu la possibilité de fournir une défense écrite, sauf pour certains motifs prévus par le présent arrêté;
4° igihano cy'ikosa ryo mu rwego rw'akazi gishingira ku buremere bwaryo;	4° the sanction for a disciplinary fault depends on its severity;	4° la sanction d'une faute disciplinaire dépend de sa gravité;
5° gukurikirana ikosa ryo mu rwego	5° the disciplinary proceedings and	5° la procédure disciplinaire et la

rw'akazi no kuriryozwa ntibibangamira gukurikiranwa no kuryozwa icyaha;	liability are independent from criminal proceedings and criminal liability;	responsabilité sont indépendantes des poursuites pénales et de la responsabilité pénale;
6° nta mukozi wa Leta ushobora guhanwa inshuro ebyeri ku ikosa rimwe ryo mu rwego rw'akazi yamaze guhanirwa;	6° no public servant is sanctioned twice for the same disciplinary fault which he or she has already been punished;	6° aucun agent de l'État ne peut être sanctionné deux fois du chef de la même faute disciplinaire dont il a déjà été puni;
7° uburyozwe bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi ni gatozi;	7° liability of a disciplinary fault is personal;	7° la responsabilité de la faute disciplinaire est personnelle;
8° gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi bikorwa mu mucyo, nta kubogama kandi hirindwa itonesha.	8° the disciplinary proceedings is conducted in a transparent manner with impartiality and avoiding nepotism.	8° la procédure disciplinaire est menée en toute transparence et dans l'impartialité et en évitant le népotisme.
<u>Ingingo ya 19</u>: Impamvu zoroshya uburemere bw'ikosa	**<u>Article 19</u>: Mitigating circumstances**	**<u>Article 19</u>: Circonstances atténuantes**
Uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi bushobora kugabanywa n'impamvu imwe cyangwa nyinshi mu mpamvu zikurikira hashingiwe ku isesengura ryimbitse kandi rishimagirwa n'ibimenyetso bifatika iyo:	The severity of a disciplinary fault may be mitigated by one or several of the following circumstances informed by thorough analysis and supported with reliable evidence if:	La gravité de la faute disciplinaire peut être atténuée par l'une ou plusieurs des circonstances suivantes sur base d'une analyse approfondie et appuyée par des preuves fiables lorsque :
1° umukozi wa Leta ukekwaho gukora ikosa ryo mu rwego rw'akazi ari inshuro ya mbere akoze ikosa mu butegetsi bwa Leta, yari asanzwe agaragaza imyitwarire myiza no kuba intangarugero mu kazi kandi iyo bishobora kugaragazwa ko yakoze ikosa atabigambiriye;	1° an alleged public servant commits a disciplinary fault for the first time in public service, yet he or she has consistently demonstrated good behaviour and is exemplary at work and if it can be established that he or she committed the fault unintentionally;	1° un agent de l'État soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire pour la première fois dans la fonction publique, qu'il a toujours fait preuve de bon comportement et est exemplaire au travail et s'il peut être établi qu'il a commis la faute sans intention;

2° umukozi wa Leta yemeye ikosa ryo mu rwego rw'akazi kandi akagaragaza ukubabazwa n'ikosa yakoze mbere yo gutangira gukurikiranwaho ikosa mu rwego rw'akazi;	2° a public servant admits the disciplinary fault and is remorseful before commencement of disciplinary proceedings;	2° un agent de l'État avoue la faute disciplinaire et a des remords avant le déclenchement de la procédure disciplinaire,
3° igikorwa cyangwa imyitwarire byavuyemo ikosa ryo mu rwego rw'akazi byatewe n'ubusembure bw'undi muntu.	3° the act or conduct that resulted into a disciplinary fault was triggered by provocation from another person.	3° l'acte ou la conduite qui ont généré la faute disciplinaire résultent d'une provocation d'une autre personne.
Ingingo ya 20: Impamvu zongera uburemere bw'ikosa	**Article 20: Aggravating circumstances**	**Article 20: Circonstances aggravantes**
Uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi bushobora kongerwa n'impamvu imwe cyangwa nyinshi mu mpamvu zikurikira hashingiwe ku isesengura ryimbitse kandi rishimagirwa n'ibimenyetso bifatika:	The severity of a disciplinary fault may be aggravated by one or several of the following circumstances based on thorough analysis and supported with reliable evidence:	La gravité d'une faute disciplinaire peut être augmentée par l'une ou plusieurs des circonstances suivantes sur base d'une analyse approfondie et appuyée par des preuves fiables:
1° isubirakosa ribaye mu gihe kitarenze imyaka ibiri (2) mu kazi ko mu butegetsi bwa Leta;	1° recidivism that occurs within two (2) years in public service;	1° une récidive qui survient endéans deux (2) ans dans la fonction publique;
2° impurirane y'amakosa yo mu rwego rw'akazi;	2° concurrence of disciplinary faults;	2° un concours de fautes disciplinaires;
3° ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryagize ingaruka mbi ku nyungu rusange;	3° a disciplinary fault that has caused a negative impact on public interest;	3° une faute disciplinaire qui a eu une conséquence négative sur l'intérêt public;
4° kuba hari ibimenyetso bifatika ko habaye gucura umugambi no	4° proven conspiracy and premeditation to commit a disciplinary fault;	4° une conspiration certaine et préméditation à commettre une faute

kugambirira gukora ikosa ryo mu rwego rw'akazi;		disciplinaire;
5° ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikozwe n'abakozi ba Leta barenze umwe bashyize hamwe;	5° a disciplinary fault jointly committed by more than one public servant;	5° une faute disciplinaire commise conjointement par plus d'un agent de l'État;
6° ikosa ryo mu rwego rw'akazi rikozwe n'umukozi wa Leta ufite abakozi ayobora.	6° a disciplinary fault committed by a public servant who has employees under his or her supervision.	6° une faute disciplinaire commise par un agent de l'État qui a des agents sous sa supervision.
Ingingo ya 21: Kugena uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 21: Determination of the severity of a disciplinary fault**	**Article 21: Détermination de la gravité d'une faute disciplinaire**
Uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi bugenwa hitawe ku buryo ikosa ryakozwemo n'ingaruka zaryo.	The severity of a disciplinary fault is determined in consideration of the circumstances in which the fault was committed and the related consequences.	La gravité d'une faute disciplinaire est déterminée en fonction des circonstances de sa commission et des conséquences qui en découlent.
Umuyobozi ubifitiye ububasha, hashingiwe ku mpamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi ziteganywa mu ngingo ya 19 n'iya 20 z'iri teka, ashobora guha umukozi wa Leta igihano gito cyangwa kinini ku giteganyirijwe ikosa ryo mu rwego rw'akazi. Uko byagenda kose, igihano kinini cyo mu rwego rw'akazi ni ukwirukanwa ku kazi.	The competent authority, basing on the mitigating or aggravating circumstances of a disciplinary fault as provided for in Articles 19 and 20 of this Order, may impose to a public servant a sanction that is less or higher than the sanction provided for the disciplinary fault. In all cases, the highest disciplinary sanction is dismissal.	L'autorité compétente, sur base des circonstances atténuantes ou aggravantes de la faute disciplinaire prévues aux articles 19 et 20 du présent arrêté, peut imposer à un agent de l'État une sanction inférieure ou supérieure à celle qui est prévue pour la faute disciplinaire. Dans tous les cas, la sanction disciplinaire la plus élevée est la révocation.
Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga igihano aha agaciro impamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi zaribanjirije cyangwa izarikurikiye.	The competent authority who imposes a disciplinary sanction considers mitigating or aggravating circumstances which preceded or followed a disciplinary fault.	L'autorité compétente qui impose une sanction disciplinaire apprécie les circonstances atténuantes ou aggravantes qui ont précédé ou suivi la faute disciplinaire.

Umuyobozi ubifitiye ububasha asobanura mu ibaruwa itanga igihano, impamvu zoroshya cyangwa zongera uburemere bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi n'igihano cyaryo.	The competent authority justifies in a letter imposing the disciplinary sanction, the consideration of mitigating or aggravating circumstances related to a disciplinary fault and the corresponding sanction.	L'autorité compétente justifie dans la lettre faisant état de la sanction disciplinaire, la prise en compte des circonstances atténuantes ou aggravantes liées à une faute disciplinaire et la sanction correspondante.
<u>Ingingo ya 22</u>: Ishyirwaho ry'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	**<u>Article 22</u>: Establishment of an internal disciplinary committee**	**<u>Article 22</u>: Mise en place d'un comité interne de discipline**
Buri rwego rwa Leta rushyiraho akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kagizwe n'abantu nibura batanu (5).	Each public institution establishes an internal disciplinary committee comprised of at least five (5) members.	Chaque institution met en place un comité interne de discipline composé d'au moins cinq (5) membres.
Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kagizwe nibura n'aba bakurikira:	The internal disciplinary committee is composed of at least the following members:	Le comité interne de discipline est composé au moins de membres suivants:
1° umukozi uri ku rwego rw'ubuyobozi, ushyirwaho n'umuyobozi w'urwego rwa Leta, akaba ari we uba perezida w'akanama;	1° a public servant at managerial level appointed by the head of a public institution, to act as a chairperson of the committee;	1° un agent de l'État au niveau de direction, nommé par le chef de l'institution publique, pour servir en tant que président du comité;
2° umuyobozi w'ishami ufite imicungire y'abakozi mu nshingano cyangwa mu gihe adahari, umukozi ufite imicungire y'abakozi mu nshingano, akaba ari we uba umunyamabanga w'akanama;	2° the director of unit in charge of human resources or a staff member in charge of human resources, where there is no director of unit in charge of human resources, to act as the secretary of the committee;	2° le directeur d'unité chargé des ressources humaines ou un agent chargé des ressources humaines, lorsqu'il n'y a pas de directeur d'unité chargé des ressources humaines, pour servir en tant que secrétaire du comité;
3° umukozi ushinzwe iby'amategeko;	3° a staff member in charge of legal affairs;	3° un agent chargé des affaires juridiques;
4° umukozi wa Leta uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo	4° a public servant from the category of professionals elected by his or her	4° un agent de l'État de la catégorie des professionnels élus par ses pairs;

y'abaporofesiyoneli utorwa na bagenzi be;	peers;	
5° umukozi wa Leta uhagarariye abakozi bo mu cyiciro cy'imirimo yunganira utorwa na bagenzi be.	5° a public servant from the category of support staff elected by peers.	5° un agent de l'État de la catégorie du personnel d'appui élu par ses pairs
Bitabangamiye ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, urwego rwa Leta rufite abakozi ba Leta babarizwa mu bindi byiciro by'imirimo, rwongera mu bagize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa umukozi uhagarariye abandi uturutse muri buri cyiciro cy'imirimo.	Without prejudice to the provisions of Paragraph 2 of this Article, a public institution with other categories of employment adds to the members of the internal disciplinary committee a staff member from each job category to represent his or her peers.	Sans préjudice des dispositions de l'alinéa 2 du présent article, une institution publique ayant d'autres catégories d'emploi, ajoute aux membres du comité interne de discipline un agent provenant de chaque catégorie d'emploi pour représenter ses pairs.
Uretse umukozi ushinzwe iby'amategeko w'urwego n'umunyamabanga wa komite bakora imirimo y'akanama mu buryo buhoraho, abandi bagize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa batorerwa manda y'imyaka ibiri (2), ishobora kongerwa inshuro imwe (1).	Except the staff member in charge of legal affairs of the institution and the secretary of the committee who are permanent members, other members of the internal disciplinary committee are elected for a term of two (2) years, renewable once (1).	Sauf un agent chargé des affaires juridiques de l'institution et le secrétaire du comité qui sont membres permanents, les autres membres du comité interne de discipline sont élus pour un mandat de deux (2) ans, renouvelable une (1) fois.
Iyo ugize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa akekwaho gukora ikosa ryo mu rwego rw'akazi, ntiyitabira imirimo ijyanye no gusuzuma ikosa rimureba. Umuyobozi w'urwego rwa Leta ashyiraho umusimbura by'agateganyo.	In case a member of the internal disciplinary committee is suspected of a disciplinary fault, he or she is excluded from the committee proceedings related to his or her case. The head of a public institution designates a temporary substitute.	Lorsqu'un membre du comité interne de discipline soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire, il est exclu des activités du comité relatives à son cas. Le chef de l'institution publique nomme un remplaçant temporaire.
Mu gihe umukozi wa Leta ukekwaho gukora ikosa ryo mu rwego rw'akazi ari ku rwego rw'umurimo ruri hejuru y'urw'abagize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa, umuyobozi w'urwego rwa Leta ashyiraho undi	In case a public servant suspected to have committed a disciplinary fault is at a higher level than that of members of the internal disciplinary committee, the head of a public institution appoints another senior staff at the	Dans le cas où un agent de l'État soupçonné une faute disciplinaire est à un niveau supérieur à celui des membres du comité interne de discipline, le chef de l'institution publique nomme un autre cadre au même

mukozi wa Leta uri ku rwego rumwe cyangwa rwo hejuru y'urw'umukozi wa Leta ukurikiranyweho ikosa kugira ngo abe mu bagize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa.	same level or above the level of the suspect to be a member of the internal disciplinary committee.	niveau ou au-dessus du niveau de l'agent de l'État soupçonné, pour être membre du comité interne de discipline.
Iyo abari bagize akanama gashinzwe gukurikirana amakosa bavugwa mu gace ka 2º n'aka 3º tw'igika cya 2 cy'iyi ngingo, batakiri mu myanya y'imirimo kandi urwego rwa Leta rukaba rutarabona abandi bakozi babasimbura, umuyobozi w'urwego rwa Leta ashyiraho abandi bakozi babasimbura by'agateganyo.	If members of the internal disciplinary committee specified in Items 2° and 3° of Paragraph 2 of this Article are no longer in service and a public institution has not yet found other staff to replace them, the head of the public institution appoints other temporary public servants to replace them.	Lorsque les membres du comité de discipline interne spécifiés aux points 2° et 3° de l'alinéa 2 du présent article ne sont plus en fonction et que l'institution publique n'a pas encore trouvé d'autres agents de l'État pour les remplacer, le chef de l'institution publique nomme d'autres agents de l'État temporaires pour les remplacer.
Ingingo ya 23: Inshingano z'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa	**Article 23: Responsibilities of the internal disciplinary committee**	**Article 23: Attributions du comité de discipline**
Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa gafite inshingano zikurikira: 1° guteza imbere imyitwarire mbonezamurimo mu bakozi ba Leta; 2° gukora ipereereza ryo mu rwego rw'akazi ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi umukozi wa Leta akekwaho hagamijwe gusesengura uburyo ikosa ryakozwe, ingaruka zaryo n'ibimenyetso byaryo; 3° gushyikiriza ubuyobozi bubifitiye ububasha raporo y'ipereereza igaragaza nibura ikosa umukozi akekwaho,	The internal disciplinary committee has the following responsibilities: 1° to promote professional ethics among public servants; 2° to carry out administrative investigations on a disciplinary fault allegedly committed by a public servant with intention to analyse the circumstances surrounding the fault, its consequences and evidence; 3° to submit to the competent authority an investigation report that includes at least the fault allegedly committed by a	Le comité interne de discipline a les attributions suivantes: 1° promouvoir l'éthique professionnelle au sein des agents de l'État; 2° mener des enquêtes administratives sur une faute disciplinaire qu'un agent de l'État est soupçonné d'avoir commis en vue d'analyser les circonstances de la faute, ses conséquences et ses preuves; 3° soumettre à l'autorité compétente un rapport d'enquête comprenant au moins la faute qu'un agent de l'État

isesengura ryakozwe, ibimenyetso n'icyifuzo nama.	public servant, the analysis conducted, evidence and a recommendation.	est soupçonné d'avoir commis, l'analyse faite, des preuves et la recommandation.
Akanama gashinzwe gukurikirana amakosa gakora inshingano zako mu bwigenge kandi ntigahabwa amabwiriza n'uwo ari we wese.	The internal disciplinary committee carries out its responsibilities independently and does not receive injunctions from any person.	Le comité de discipline interne exerce ses attributions d'une manière indépendante et ne reçoit d'injonction d'aucune personne.
Mu gihe umuyobozi w'ikigo cya Leta akekwaho ikosa ryo mu rwego rw'akazi afatanyije n'umukozi ayobora, Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ashyiraho akanama kadahoraho kugira ngo gakurikirane ikosa ryo mu rwego rw'akazi kuri bombi.	In case a head of a public institution is suspected to have committed a disciplinary fault in collaboration with the employee under his or her supervision, the Minister in charge of public service, establishes an ad hoc committee to conduct disciplinary proceedings for both of them.	Dans le cas où le chef de l'institution publique est soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire en collaboration avec son un agent sous sa supervision, le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions, met en place un comité ad hoc pour mener une procédure disciplinaire pour les deux.
Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'akanama kadahoraho gashinzwe gukurikirana amakosa n'inshingano zako	**Article 24: Establishment of an ad hoc disciplinary committee and its responsibilities**	**Article 24: Mise en place d'un comité ad hoc de discipline et ses responsabilités**
Umuyobozi ubifitiye ububasha ashyiraho akanama kadahoraho gashinzwe gukurikirana amakosa kugira ngo gakore ipereereza ryo mu rwego rw'ubutegetsi ku bayobozi bakuru kuva ku rwego rw'umurimo rwa 1.IV kuzamura.	A competent authority establishes an ad hoc disciplinary committee to carry out administrative investigations on senior officials on job level 1.IV and above.	L'autorité compétente établit un comité ad hoc de discipline pour mener des enquêtes administratives concernant des hauts cadres aux postes de niveau 1.IV et au dessus.
Akanama kadahoraho gashinzwe gukurikirana amakosa kavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, gafite inshingano zimwe nk'iz'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kavugwa mu ngingo ya 23 y'iri teka.	An ad hoc disciplinary committee referred to in Paragraph One of this Article has the same responsibilities as of the internal disciplinary committee provided for in Article 23 of this Order.	Un comité de discipline ad hoc visé à l'alinéa premier du présent article assume les mêmes attributions que celles du comité interne de discipline prévu à l'article 23 du présent arrêté.
Akanama kadahoraho gashinzwe gukurikirana amakosa kagizwe nibura n'abantu batanu (5).	The ad hoc disciplinary committee consists of at least five (5) members.	Le comité de discipline ad hoc est composé d'au moins cinq (5) membres.

UMUTWE WA IV: AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI, IBIHANO N'UBURYO BWO GUKURIKIRANA AMAKOSA YO MU RWEGO RW'AKAZI	**CHAPTER IV: DISCIPLINARY FAULTS, SANCTIONS AND DISCIPLINARY PROCEEDINGS**	**CHAPITRE IV: FAUTES DISCIPLINAIRES, SANCTIONS ET PROCÉDURE DISCIPLINAIRE**
Icyiciro cya mbere: Amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'akazi	**Section One: Disciplinary faults and sanctions**	**Section première: Fautes et sanctions disciplinaires**
Ingingo ya 25: Ingaruka zo kutubahiriza imyitwarire mbonezamurimo	**Article 25: Effects of breaching professional ethics**	**Article 25: Effets de la violation de l'éthique professionnelle**
Umukozi wa Leta ukoze ibinyuranye n'imyitwarire mbonezamurimo bisabwa umukozi wa Leta, aba akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi kandi arahanwa.	A public servant who acts contrary to the professional ethics required of a public servant commits a disciplinary fault and is liable to a sanction.	Un agent de l'État qui agit contrairement à l'éthique professionnelle requise d'un agent de l'État, commet une faute disciplinaire et il est passible d'une sanction.
Ingingo ya 26: Ibihano byo mu rwego rw'akazi	**Article 26: Disciplinary sanctions**	**Article 26: Sanctions disciplinaires**
Ibihano byo mu rwego rw'akazi byo ku rwego rwa mbere uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku gikomeye ni ibi bikurikira: 1° kwihanangirizwa; 2° kugawa.	Disciplinary sanctions of the first category from the less severe to the most severe are as follows: 1° warning; 2° reprimand.	Les sanctions disciplinaires de la première catégorie de la moins sévère à la plus sévère sont les suivantes: 1° l'avertissement; 2° le blâme.
Ibihano byo mu rwego rw'akazi byo ku rwego rwa kabiri uhereye ku gihano cyoroheje ujya ku gikomeye ni ibi bikurikira: 1° guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahembwa;	Disciplinary sanctions of the second category from the less severe to the most severe are as follows: 1° suspension without pay for a maximum period of three (3) months;	Les sanctions disciplinaires de la deuxième catégorie de la moins sévère à la plus sévère, sont les suivantes: 1° la suspension pour une période maximale de trois (3) mois sans être

		payé;
2° kwirukanwa ku kazi.	2° dismissal.	2° la révocation.
Ingingo ya 27: Kwihanangirizwa	**Article 27: Warning**	**Article 27: Avertissement**
Umukozi wa Leta ahanishwa igihano cyo kwihanangirizwa iyo:	A public servant is sanctioned by warning if he or she:	Un agent de l'État est sanctionné par un avertissement s'il :
1° akererewe ku kazi nta mpamvu ifatika;	1° arrives late on duty without a valid reason;	1° arrive en retard au travail sans motif valable;
2° adatanze ku gihe raporo ijyanye n'akazi; cyangwa	2° fails to submit a work related report in due time; or	2° ne soumet pas dans le délai exigé un rapport lié au travail; ou
3° ataye cyangwa yangije igikoresho cy'akazi gifite agaciro kangana cyangwa kari munsi y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) iyo hagaragaye ibimenyetso by'uko yagize uburangare.	3° loses or causes damage to service equipment whose value is equal to or less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) when there has been evidence of his or her carelessness.	3° perd ou endommage un matériel de service dont la valeur est égale ou inférieure à cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) lorsqu'il y a eu des preuves de sa négligence.
Ingingo ya 28: Kugawa	**Article 28: Reprimand**	**Article 28: Blâme**
Umukozi wa Leta ahanishwa igihano cyo kugawa iyo:	A public servant is sanctioned by reprimand if he or she:	Un agent de l'État est sanctionné par un blâme s'il :
1° asibye akazi mu gihe cy'umunsi umwe (1) nta bisobanuro byumvikana;	1° is absent from work for one (1) day without a valid justification;	1° s'absente du travail pour un (1) jour sans justification valable;
2° ashyinguye dosiye y'akazi itarangiye;	2° closes an uncompleted work file;	2° classe un dossier de travail non clôturé;
3° atamenyekanishije ikosa ryo mu rwego	3° does not disclose a disciplinary fault	3° ne dénonce pas une faute disciplinaire

rw'akazi yamenye ko ryakozwe n'undi mukozi wa Leta;	which is committed by another public servant that he or she is aware of;	dont il a connaissance, commise par un autre agent de l'État;
4° akoze imirimo itari iy'akazi mu masaha y'akazi;	4° performs non work-related activities during working hours;	4° exerce des activités non liées au travail pendant les heures de service;
5° udakoze ishingano ze, utazikoze ku gihe cyangwa uzikoze nabi;	5° does not perform his or her duties, does not perform them on time or perform them inappropriately;	5° n'exécute pas ses fonctions, ne les exécute pas à temps ou les exécute de manière inappropriée;
6° ataye cyangwa yangije igikoresho cy'akazi gifite agaciro kari hejuru y'amafaranga y'u Rwanda ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko kari munsi y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 FRW) iyo hagaragaye ibimenyetso by'uko yagize uburangare.	6° loses or causes damage to service equipment whose value is above five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) but less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) when there has been evidence of his or her carelessness.	6° perd ou endommage un matériel de service dont la valeur est supérieure à cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais inférieure à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) lorsqu'il y a eu des preuves de sa négligence.
<u>Ingingo ya 29</u>: Guhagarikwa mu gihe kitarenze amezi atatu (3)	**<u>Article 29</u>: Suspension for a maximum period of three (3) months**	**<u>Article 29</u>: Suspension pour une période maximale de trois (3) mois**
Umukozi wa Leta ahanishwa igihano cyo guhagarikwa ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahembwa iyo:	A public servant is sanctioned by a suspension without pay for a maximum period of three (3) months if he or she:	Un agent de l'État est sanctionné par une suspension pour une période maximale de trois (3) mois sans être payé s'il :
1° atutse cyangwa asebeje undi mukozi wa Leta cyangwa umugenerwabikorwa wa serivisi;	1° insults or defames another public servant or a service beneficiary;	1° insulte ou diffame un autre agent de l'État ou un bénéficiaire de service;
2° atanze amakuru atari yo mu bijyanye n'akazi;	2° provides inaccurate information in matters pertaining to work;	2° fournit des informations inexactes en matière de travail;
3° adatangana umwete serivisi ku mugenerwabikorwa;	3° does not diligently serve a service beneficiary;	3° ne sert pas avec diligence un bénéficiaire de service;

4° asuzuguye umuyobora mu kazi cyangwa umukuriye;	4° is insubordinate to supervisor or superior;	4° est sujet d'insubordination à son supérieur hiérarchique ou son supérieur;
5° agandishije abandi bakozi mu gukora inshingano zabo;	5° deters colleagues from performing their duties;	5° décourage ses collègues d'exercer leurs attributions;
6° asibye mu kazi nibura iminsi ibiri (2) ariko itarengeje iminsi itandatu (6) nta bisobanuro bifatika;	6° is absent from work for at least two days (2) but not exceeding six (6) days without a valid justification;	6° s'absente du travail au moins deux (2) jours mais sans dépasser six (6) jours sans justification valable;
7° akurikiye inyungu ze bwite mu gihe yuzuza inshingano ze;	7° pursues personal interest in performing his or her duties;	7° poursuit son intérêt personnel dans l'exercice de ses fonctions;
8° anyoye inzoga cyangwa ibindi bisindisha mu gihe ari mu kazi;	8° consumes alcohol or other intoxicating substances while on duty;	8° consomme de l'alcool ou d'autres substances intoxicantes pendant le service;
9° ahimbye cyangwa akwirakwije amakuru y'ibinyoma;	9° fabricates or disseminates inaccurate information;	9° conçoit ou diffuse des informations inexactes;
10° akoresheje nabi umwanya arimo mu nyungu z'umuntu ku giti cye;	10° misuses his or her professional status for personal interest;	10° abuse de son statut professionnel pour ses intérêts personnels;
11° adahishuye ukugongana kw'inyungu;	11° fails to disclose conflict of interest;	11° ne révèle pas un conflit d'intérêts;
12° yataye cyangwa yangije igikoresho cy'akazi gifite agaciro kangana cyangwa kari hejuru y'amafaranga y'u Rwanda miliyoni imwe (1.000.000 FRW) iyo hagaragaye ibimenyetso by'uko yagize uburangare.	12° loses or causes damage to service equipment whose value is equal to or higher than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) when there has been evidence of his or her carelessness.	12° perd ou endommage un matériel de service dont la valeur est égale ou supérieure à un million de francs rwandais (1.000.000 FRW) lorsqu'il y a eu des preuves de sa négligence.

Ingingo ya 30: Kwirukanwa ku kazi	**Article 30: Dismissal**	**Article 30: Révocation**
Umukozi wa Leta afatwa nk'uwakoze ikosa rikomeye rihanishwa kwirukanwa ku kazi iyo:	A public servant is considered to have committed a gross misconduct sanctioned by dismissal if he or she:	Un agent de l'État est considéré comme ayant commis une faute lourde sanctionnée par la révocation lorsqu'il :
1° anyereje cyangwa akoresheje nabi umutungo wa Leta;	1° embezzles or mismanages public funds;	1° détourne ou gère mal des fonds publics;
2° asabye, yakiriye, atanze ruswa cyangwa indonke;	2° solicits, receives or offers a bribe or illegal benefit;	2° sollicite, reçoit ou offre une corruption ou un avantage illégal;
3° akoze uburiganya;	3° commits fraud;	3° commet une fraude;
4° akoze inyandiko mpimbano cyangwa akiha ububasha;	4° commits forgery or usurps powers;	4° commet un faux ou fait l'usurpation de pouvoirs;
5° ahojeje undi muntu ku nkeke, amukubise cyangwa barwanye;	5° harasses, assaults or fights another person;	5° harcèle une autre personne, l'agresse ou se bat avec elle;
6° amennye ibanga ry'akazi;	6° discloses confidential information;	6° divulgue un secret professionnel;
7° yibye;	7° steals;	7° vole;
8° ukoze ihohotera iryo ari ryo ryose;	8° commits any form of violence;	8° commet toute forme de violence;
9° akoze ibyaha bikoreshejwe ikorabuhanga.	9° commits a cybercrime;	9° commet un cybercrime;
10° akoresheje nabi ububasha yahawe;	10° abuses power entrusted to him or her;	10° abuse des pouvoirs qui lui sont confiés;
11° yangije cyangwa asibye amakuru yerekeranye n'akazi;	11° destroys work related information;	11° détruit des informations relatives au travail;

12° udakoze inshingano ze, uzikoze nabi cyangwa utazikoze ku gihe bigatera ingaruka zikomeye ku rwego cyangwa Igihugu;	12° does not perform his or her duties, performs them inappropriately or delays to perform them on time with serious consequences to the institution or the country;	12° ne s'acquitte pas de ses attributions, ne les remplit pas de manière appropriée ou retarde leur exécution, entraînant des conséquences graves pour l'institution ou le pays;
13° utaye akazi mu gihe kigeze nibura ku minsi irindwi (7) y'akazi.	13° deserts work for a period of at least seven (7) working days.	13° déserte son travail pour une période d'au moins sept (7) jours ouvrables.
Ingingo ya 31: Kugena ibindi bikorwa bifatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Article 31: Determination of other acts considered as disciplinary faults**	**Article 31: Détermination d'autres actes considérés comme fautes disciplinaires**
Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ashingiye ku byifuzo nama by'umuyobozi w'urwego rwa Leta ashobora kugena irindi kosa ryo mu rwego rw'akazi ritavuzwe muri iri teka akanatanga igihano mu bihano bivugwa muri iri teka. Ibyifuzo nama by'umuyobozi w'urwego rwa Leta biherekezwa n'inama z'akanama gashinzwe gukurikirana amakosa.	The Minister in charge of public service upon recommendations of the head of a public institution may determine any another disciplinary fault that is not mentioned in this Order and imposes a sanction, among the sanctions provided for by this Order. The recommendations of the head of a public institution are accompanied by the advice of internal disciplinary committee.	Le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions sur recommandations du chef d'une institution publique peut déterminer une autre faute disciplinaire non mentionnée dans le présent arrêté et imposer une sanction, parmi les sanctions prévues par le présent arrêté. Les recommandations du chef de l'institution publique sont accompagnées de l'avis du comité de discipline interne.
Ingingo ya 32: Amakosa yo mu rwego rw'akazi akomoka ku cyaha	**Article 32: Disciplinary faults arising from an offence**	**Article 32: Fautes disciplinaires résultant d'une infraction**
Uretse amakosa yo mu rwego rw'akazi avugwa mu gace ka 12° n'aka 13° tw'ingingo ya 30 y'iri teka, amakosa yo mu rwego rw'akazi yandi avugwa mu ngingo ya 30 afatwa nk'amakosa yo mu rwego rw'akazi akomoka ku cyaha cyakorewe mu kazi cyangwa hanze y'akazi. Ikurikiranwa n'ihanwa ryayo rikurikiza ibiteganywa n'iri	Except disciplinary faults provided for in Items 12° and 13° of Article 30 of this Order, other disciplinary faults provided for in Article 30 of this Order are considered as disciplinary faults resulting from the offence committed at work or outside of service. Their disciplinary proceedings and sanctioning are conducted in accordance with provisions of this Order.	Excepté les fautes disciplinaires prévues aux points 12° et 13° de l'article 30 du présent arrêté, les autres fautes disciplinaires prévues à l'article 30 du présent arrêté sont considérés comme fautes disciplinaires résultant de l'infraction commise au travail ou en dehors de service. Elles sont poursuivies et punies conformément aux dispositions du présent

teka.		arrêté.
Ingingo ya 33: Umukozi wa Leta wakatiwe igihano cy'igifungo	**Article 33: A public servant sentenced to an imprisonment**	**Article 33: Un agent de l'État condamné à une peine d'emprisonnement**
Umukozi wa Leta wakatiwe mu rubanza rwabaye ndakuka igifungo kiri munsi y'amezi atandatu (6) asubizwa mu kazi iyo igifungo kirangiye, keretse iyo uburyozwe bw'ikosa ry'akazi bwagaragaje ko uwo mukozi wa Leta agomba kwirukanwaku kazi.	A public servant sentenced in a last instance judgement to imprisonment for a term less than six (6) months is reintegrated in his or her job position after he or she has served his or her sentence, unless the disciplinary liability of that public servant has proven that he or she has to be dismissed.	Un agent de l'État condamné dans un jugement rendu en dernier ressort à une peine d'emprisonnement inférieure à six (6) mois est réintégré dans son poste d'emploi une fois sa peine purgée, à moins que la responsabilité disciplinaire de cet agent n'ait prouvé qu'il doit être révoqué.
Umukozi wa Leta uhamijwe mu rubanza rwabaye ndakuka igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirenze amezi atandatu (6) yirukanwa mu kazi ko mu butegetsi bwa Leta. Icyemezo cyo kwirukana uwo mukozi wa Leta ntigisaba ko binyura mu nzira zo gukurikirana umukozi wa Leta wakoze amakosa yo mu rwego rw'akazi ziteganywa mu ngingo ya 36 y'iri teka.	A public servant who is sentenced in a last instance judgement to imprisonment for a term equal to or exceeding six (6) months is dismissed from office in the public service. The decision of dismissing the public servant does not require disciplinary proceedings provided for in Article 36 of this Order.	Un agent de l'État condamné dans un jugement rendu en dernier ressort à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois est révoqué de ses fonctions au sein de la fonction publique. La décision de révoquer cet agent de l'État ne nécessite pas la procédure disciplinaire prévue à l'article 36 du présent arrêté.
Ingingo ya 34: Kwirukana umukozi wa Leta kubera guta akazi	**Article 34: Dismissal of a public servant due to desertion**	**Article 34: Révocation d'un agent de l'État pour désertion**
Umuyobozi ubifitiye ububasha, yirukana umukozi wa Leta, bidasabye ko akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kabanza guterana, iyo uwo mukozi wa Leta yataye akazi mu gihe kigeze cyangwa kirenze iminsi irindwi (7) kandi ntatange ibisobanuro byanditse mu gihe giteganywa n'iri teka.	The competent authority, without requesting the disciplinary committee to meet, dismisses a public servant who has deserted work for a period equal to or more than seven (7) days if the public servant has not provided written explanations within the time limit provided for in this Order.	L'autorité compétente révoque un agent de l'État sans demander au comité de discipline de se réunir, si l'agent de l'État a déserté son travail pour une période égale ou supérieure à sept (7) jours et n'a pas fourni des explications écrites dans le délai prévu au présent arrêté.

Ingingo ya 35: Amakosa akorwa mu imenyekanishamutungo	**Article 35: Faults relating to declaration of property**	**Article 35: Fautes relatives à la déclaration du patrimoine**
Umukozi wa Leta ukoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi rijyanye n'imenyekanishamutungo ahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko ryerekeye imenyekanishamutungo.	A public servant who commits a disciplinary fault related to declaration of property is punished in accordance with provisions of the law relating to declaration of assets.	Un agent de l'État qui commet une faute relative à la déclaration du patrimoine est sanctionné conformément aux dispositions de la loi relative à la déclaration des biens.
Icyiciro cya 2: Uburyo bwo gukurikirana amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Section 2: Disciplinary proceedings**	**Section 2: Procédure disciplinaire**
Ingingo ya 36: Uburyo bwo gukurikirana umukozi wa Leta ukekwaho ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 36: Disciplinary proceedings of a public servant on alleged disciplinary fault**	**Article 36: Procédure disciplinaire d'un agent de l'État pour faute disciplinaire alléguée**
Umuyobozi ubifitiye ububasha uketseho umukozi wa Leta ikosa ryo mu rwego rw'akazi amusaba ibisobanuro mu nyandiko. Umukozi wa Leta atanga ibisobanuro mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye igihe yaboneye ibaruwa imusaba ibisobanuro.	A competent authority who suspects a public servant to have committed a disciplinary fault requests the public servant to provide written explanations. A public servant provides explanations within five (5) working days from the date he or she received the letter requesting for explanations.	L'autorité compétente qui soupçonne qu'un agent de l'État a commis une faute disciplinaire lui demande de fournir des explications écrites. L'agent de l'État fournit des explications endéans cinq (5) jours ouvrables à compter de la date de réception de la demande d'explications.
Icyakora:	However:	Toutefois:
1° iyo umukozi wa Leta afatiwe mu cyuho ku ikosa ry'akazi ryo mu rwego rwa kabiri, bihita bikorerwa inyandiko mvugo, kandi umuyobozi ubifitiye ububasha agahagarika ku murimo by'agateganyo uwo mukozi mu gihe kitarenze amezi atatu (3). Gusabwa ibisobanuro n'ipererreza ku ikosa akekwaho bikorwa nyuma y'uko	1° when a public servant is caught in the commission of act for a fault of second category, a statement establishing the facts is drawn up and the competent authority suspends from duties the public servant for a maximum period of three (3) months. The request for explanations and investigation of the alleged fault are made after the	1° lorsqu'un agent de l'État est pris dans la commission d'un acte pour une faute de la deuxième catégorie, un procès-verbal de constat est dressé et l'autorité compétente suspend l'agent de l'État de ses fonctions pour une période maximale de trois (3) mois. La demande d'explications et l'enquête sur la faute alléguée sont faites après

hafashwe icyemezo cyo kumuhagarika ku mirimo by'agateganyo;	decision of suspension is taken;	qu'une décision de suspension est prise;
2° umuyobozi washyize mu mwanya umukozi wa Leta ashobora guhagarika ku mirimo by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3) umukozi wa Leta ushyirwaho n'Iteka rya Perezida cyangwa Iteka rya Minisitiri w'Intebe atamusabye ibisobanuro hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta. Gusabwa ibisobanuro n'ipereereza ku ikosa akekwaho bikorwa nyuma y'uko hafashwe icyemezo cyo kumuhagarika ku mirimo by'agateganyo;	2° the appointing authority may, without requesting for written explanations, suspend from duties, for a maximum period of three (3) months, a public servant appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order in accordance with the provisions of the law establishing the general statute governing public servants. The request for explanations and investigation of the alleged fault are made after a decision of the suspension from duties is taken;	2° l'autorité de nomination peut suspendre de ses fonctions, pour une période maximale de trois (3) mois, un agent de l'État nommé par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre conformément aux dispositions de la loi régissant le statut général des agents de l'État, sans lui demander de fournir des explications. La demande d'explications et l'enquête sur la faute alléguée sont faite après qu'une décision de suspension des fonctions est prise;
3° umuyobozi washyize mu mwanya umukozi wa Leta ushyirwaho n'Iteka rya Perezida cyangwa Iteka rya Minisitiri w'Intebe ashobora kumwirukana ku kazi hadakurikijwe uburyo bwo gukurikirana umukozi wakoze ikosa buteganywa n'iri teka, iyo hari ibimenyetso bifatika bihamya ko umukozi wa Leta yakoze ikosa ryo mu rwego rwa kabiri.	3° the appointing authority may dismiss a public servant appointed by a Presidential Order or a Prime Minister's Order without complying with the disciplinary proceedings provided in this Order, if there is tangible evidence that the public servant committed a fault of the second category.	3° l'autorité de nomination peut révoquer un agent de l'État nommé par arrêté présidentiel ou arrêté du Premier Ministre sans se conformer à la procédure disciplinaire prévue dans le présent arrêté, s'il existe des preuves tangibles que l'agent de l'État a commis une faute de la deuxième catégorie.
Iyo umukozi wa Leta uvugwa mu gace ka 1º n'aka 2º tw'igika cya mbere cy'iyi ngingo atanze ibisobanuro byumvikana, gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi birahagarara, dosiye y'ikurikiranwa igashyingurwa kandi umukozi wa Leta akabimenyeshwa.	If a public servant specified in items 1º and 2º of Paragraph One of this Article provides satisfactory explanations, the disciplinary proceedings is withdrawn, the file related to the proceedings is closed and the public servant is notified thereof.	Lorsqu'un agent de l'État spécifié au points 1º et 2º de l'alinéa premier du présent article fournit des explications satisfaisantes, la procédure disciplinaire est retirée, le dossier relatif à la procédure est clos et l'agent de l'État en est notifié.

Iyo umukozi wa Leta yemeye ikosa mu nyandiko, umuyobozi ubifitiye ububasha afata icyemezo bidasabye ko dosiye ye yoherezwa mu kanama gashinzwe gukurikirana amakosa.	If a public servant admits in writing a disciplinary fault, the competent authority takes a decision without referring their case to the internal disciplinary committee.	Lorsqu'un agent de l'État avoue par écrit qu'il a commis une faute disciplinaire, l'autorité compétente prend la décision sans renvoyer son cas au comité interne de discipline.
Iyo ibisobanuro yatanze bitumvikanye, umuyobozi ubifitiye ububasha ashyikiriza dosiye akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kugira ngo gakore ipereereza, agaha kopi umukozi wa Leta bireba.	If a public servant provides unsatisfactory explanations, the competent authority sends the case to the internal disciplinary committee for investigation and provides a copy to the concerned public servant.	Lorsqu'un agent de l'État fournit les explications non satisfaisantes, l'autorité compétente envoie le cas au comité interne de discipline pour enquête et donne copie à l'agent de l'État concerné.
Umukozi wa Leta ukurikiranyweho ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryo ku rwego rwa kabiri ntiyoherezwa mu mahugurwa cyangwa ngo yemererwe kuva mu rwego rwa Leta umwanzuro wa nyuma ku ikosa utarafatwa.	A public servant who is under disciplinary proceedings for a disciplinary fault of the second category, cannot be sent on training or be authorised to leave the public institution before a final decision on the fault is taken.	Un agent de l'État faisant l'objet de la procédure disciplinaire pour une faute disciplinaire de la deuxième catégorie, ne peut être envoyé en formation et ne peut être autorisé à quitter l'institution avant qu'une décision finale sur la faute ne soit prise.
Ingingo ya 37: Guhagarikwa ku mirimo by'agateganyo mu gihe cy'ipereereza ryo mu rwego rw'akazi	**Article 37: Suspension from duties during disciplinary investigation**	**Article 37: Suspension des fonctions lors de l'enquête disciplinaire**
Bitabangamiye ibiteganywa n'ingingo ya 36 y'iri teka n'igika cya 2 cy'iyi ngingo, umukozi wa Leta ukurikiranyweho ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryo ku rwego rwa kabiri, aguma mu kazi mu gihe ipereereza ryo mu rwego rw'akazi rikorwa.	Without prejudice to exceptions provided for in Article 36 of this Order and in Paragraph 2 of this Article, a public servant who is suspected to have committed a disciplinary fault of the second category remains on duty while disciplinary investigation is being conducted.	Sans préjudice des exceptions prévues à l'article 36 du présent arrêté et à l'alinéa 2 du présent article, un agent de l'État soupçonné d'avoir commis une faute disciplinaire de la deuxième catégorie reste en service pendant que l'enquête disciplinaire est menée.
Icyakora, iyo umuyobozi ubifitiye ububasha atanyuzwe n'ibisobanuro yahawe n'umukozi wa Leta ku ikosa ryo mu rwego rwa kabiri,	However, a competent authority who is not satisfied with explanations provided by a public servant for the fault of second category	Toutefois, si l'autorité compétente n'est pas satisfaite par des explications données par un agent de l'État sur la faute de la deuxième

ashobora kumuhagarika ku mirimo by'agateganyo mu gihe kitarenze amezi atatu (3). Iyo umuyobozi ubifitiye ububasha afashe icyemezo cyo guhagarika ku mirimo by'agateganyo umukozi wa Leta, ashyikiriza dosiye akanama gashinzwe gukurikirana amakosa kugira ngo gakore ipereereza. Ihagarikwa ku mirimo ry'agateganyo rikurikiza ibiteganywa n'itegeko rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta.	may suspend him or her from duties for a maximum period of three (3) months. If the competent authority decides to suspend from duties a public servant, he or she refers the case to the internal disciplinary committee for investigation. The suspension from duties is done in accordance with provisions of the law establishing the general statute governing public servants.	catégorie, elle peut le suspendre de ses fonctions pour une période maximale de trois (3) mois. Lorsque l'autorité compétente décide de suspendre un agent de l'État, elle renvoie le dossier au comité interne de discipline pour faire une enquête. La suspension de fonctions est faite conformément aux dispositions de la loi régissant le statut général les agents de l'État.
<u>Ingingo ya 38</u>: Kwishyura umushahara mu gihe cy'ihagarikwa ku mirimo ry'agateganyo	**<u>Article 38</u>: Payment of salary during suspension from duties**	**<u>Article 38</u>: Paiement du salaire lors de la suspension des fonctions**
Mu gihe cy'ihagarikwa ku mirimo ry'agateganyo, umushahara n'ibindi umukozi wa Leta wahagaritswe by'agateganyo agenerwa bikomeza kubarwa akanabibikirwa.	During suspension from duties, the salary and fringe benefits of the suspended public servant continue to be calculated and retained for him or her.	Pendant la période de suspension des fonctions, le salaire et avantages de l'agent de l'État suspendu continuent d'être calculés et conservés pour lui.
Umukozi wa Leta ubaye umwere ahabwa umushahara n'ibindi agenerwa uko yabibikiwe. Icyakora, umukozi wa Leta uhamwe n'ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryo ku rwego rwa kabiri atakaza uburenganzira ku mushahara n'ibindi agenerwa yari yarabikiwe.	A public servant proven innocent is entitled to his or her salary and fringe benefits retained. However, a public servant found guilty of a disciplinary fault of the second category is deprived of the right to the salary and other fringe benefits that were retained for him or her.	Un agent de l'État déclaré non coupable reçoit le salaire et les avantages retenus pour lui. Toutefois, s'il est reconnu coupable d'une faute disciplinaire de la deuxième catégorie, il perd son droit à tout le salaire et aux avantages ayant été retenus pour lui.
Umukozi wa Leta wahagaritswe ku mirimo by'agateganyo ariko akaza guhamwa n'ikosa ryo mu rwego rwa mbere ahabwa umushahara we wose n'ibindi agenerwa yabikiwe.	A public servant who was suspended from duties but found guilty of a fault of the first category is entitled to the full salary and fringe benefits retained.	Un agent de l'État suspendu des fonctions mais reconnu par après coupable d'une faute de première catégorie perçoit la totalité de son salaire et autres avantages retenus pour lui.
Iyo umukozi wa Leta wahagaritswe ku mirimo	In case a public servant who was suspended	Dans le cas où un agent de l'État suspendu de

by'agateganyo kugira ngo hakorwe ipereereza ahamwe n'ikosa, igihano ahawe kigira agaciro kuva igihe yahagarikiwe ku mirimo by'agateganyo kugira ngo hakorwe ipereereza.	from duties for the purpose of investigation is found guilty, the sanction imposed against him or her takes effect from the date on which he or she was suspended for investigation purposes.	ses fonctions pour fins d'enquête est reconnu coupable, la sanction qui lui est imposée prend effet à partir du jour où l'agent de l'État a été suspendu pour fins d'enquête.
Ingingo ya 39: Igihe ntarengwa cyo gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 39: Deadline for proceedings over a disciplinary fault**	**Article 39: Délai imparti pour la poursuite pour faute disciplinaire**
Ikurikiranwa ry'umukozi wa Leta ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa mbere rirangira mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) ikurikirana ibarwa uhereye ku munsi umukozi wa Leta yasabwe gutanga ibisobanuro.	The proceedings of a public servant over a disciplinary fault punishable by a sanction of the first category is concluded within thirty (30) consecutive days counted from the date on which he or she was requested to provide explanations.	La poursuite contre un agent de l'État pour une faute disciplinaire passible d'une sanction de la première catégorie est conclue endéans trente jours (30) consécutifs à compter de la date à laquelle il lui a été demandé de fournir des explications.
Ikurikiranwa ry'umukozi wa Leta ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri rirangira mu gihe kitarenze amezi atatu (3) uhereye igihe umukozi wa Leta yasabwe ibisobanuro.	The proceedings of a public servant over a disciplinary fault punishable by a sanction of the second category is concluded within three (3) months counted from the date on which he or she was requested to provide explanations.	La poursuite contre un agent de l'État pour une faute disciplinaire passible d'une sanction de la deuxième catégorie est conclue endéans trois (3) mois à compter de la date à laquelle il lui a été demandé de fournir des explications.
Ingingo ya 40: Umuyobozi ufite ububasha bwo gukurikirana no gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi	**Article 40: Competent authority for disciplinary proceedings and imposition of a disciplinary sanction**	**Article 40: Autorité compétente pour la procédure disciplinaire et l'imposition d'une sanction disciplinaire**
Ikosa ryo mu rwego rwa mbere rikurikiranwa n'umuyobozi ukuriye umukozi ku rwego rwa mbere. Umuyobozi w'urwego rwa Leta cyangwa uwo yabihereye ububasha ni we ufite ububasha bwo gutanga igihano cyo mu rwego rwa mbere.	Disciplinary proceedings for a fault of first category is conducted by immediate supervisor. The head of a public institution or a delegated person is the one competent to impose sanctions of the first category.	La procédure disciplinaire pour une faute de première catégorie est menée par le supérieur hiérarchique au premier degré. Le chef de l'institution publique ou son délégué est celui qui a le pouvoir d'imposer les sanctions de la première catégorie.

Ikosa ryo mu rwego rwa kabiri rikurikiranwa n'umuyobozi w'urwego rwa Leta cyangwa uwo yabihereye ububasha. Igihano gitangwa n'umuyobozi washyize umukozi wa Leta mu mwanya cyangwa uwo yabihereye ububasha. Ibivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ntibireba abakozi ba Leta bari ku rwego rw'umurimo rwa 1.IV no kuzamura, bakurikiranwa kandi bagahanwa n'umuyobozi wabashyize mu mwanya cyangwa undi yabihereye ububasha. **<u>Ingingo ya 41</u>: Ikurikiranwa ry'umukozi wa Leta wavuye mu rwego rwa Leta akajya mu rundi rwego rwa Leta** Iyo umukozi wa Leta akoze ikosa ryo mu rwego rw'akazi mu rwego akoramo, nyuma akaza kujya mu rundi rwego rwa Leta atarakurikiranwa ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi, umuyobozi ubifitiye ububasha w'urwego rushya umukozi wa Leta yagiye gukoreramo afite ububasha bwo gukurikirana ikosa ryo mu rwego rw'akazi, bisabwe n'urwego rwa Leta rwamukoreshaga cyangwa urundi rwego rwa Leta. Icyemezo cyafashwe ku ikosa ryo mu rwego rw'akazi yari akurikiranyweho kimenyeshwa urwego yakoreraga.	Disciplinary proceedings for a fault of the second category are conducted by the head of a public institution or a delegated person. The sanction is imposed by the appointing authority or a delegated person. Provisions of Paragraph 2 of this Article do not apply to public servants on job level 1.IV and those above whose disciplinary proceedings are conducted and sanctions imposed by the appointing authority or a delegated person. **<u>Article 41</u>: Proceedings against a public servant who moves from one public institution to another** If a public servant commits a disciplinary fault in its employing institution and moves to another public institution, before being subject to disciplinary proceedings for the alleged fault, the competent authority in the new employing public institution has powers to conduct disciplinary proceedings, upon request by the former employing institution or another public institution. A decision taken on the alleged disciplinary fault is communicated to the former employing institution.	La procédure disciplinaire pour une faute de la deuxième catégorie est menée par le chef de l'institution publique ou son délégué. La sanction est imposée par l'autorité de nomination ou son délégué. Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne s'appliquent pas aux agents de l'État aux postes de niveau 1.IV et ceux au-dessus dont la procédure disciplinaire est menée et les sanctions imposées par l'autorité de nomination ou son délégué. **<u>Article 41</u>: Poursuite contre un agent de l'État qui quitte une institution publique pour une autre** Si un agent de l'État commet une faute disciplinaire dans l'institution employeur et qu'il quitte pour une autre institution publique, avant d'avoir fait l'objet d'une procédure disciplinaire pour la faute alléguée, l'autorité compétente dans sa nouvelle institution publique employeur a le pouvoir d'engager une procédure disciplinaire, à la demande de l'ancienne institution employeur ou d'une autre institution publique. Une décision prise sur la faute disciplinaire alléguée est communiquée à l'ancienne institution employeur.

Ingingo ya 42: Uburyo bwo gutanga igihano cyo mu rwego rw'akazi Umuyobozi ubifitiye atanga igihano cyo mu rwego rw'akazi abinyujije mu nyandiko. Umuyobozi ubifitiye ububasha agaragaza mu buryo burambuye ikosa ryakozwe n'ingaruka zaryo. Iyo umukozi wa Leta ahawe igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo ku kazi mu gihe kitarenze amezi atatu (3) adahembwa, umuyobozi ubifitiye ububasha agaragaza mu nyandiko itariki uwo mukozi wa Leta ahagarikiweho n'itariki azagarukira ku kazi.	**Article 42: Modalities of imposing a disciplinary sanction** A competent authority imposes a disciplinary sanction in writing. The competent authority clarifies in details the fault committed and its consequences. If a public servant is sanctioned to suspension without pay for a maximum period of (3) months, the competent authority indicates in writing the dates of the beginning and end of the suspension,	**Article 42: Modalités d'imposition d'une sanction disciplinaire** Une autorité compétente impose une sanction disciplinaire par écrit. L'autorité compétente clarifie en détails la faute commise et ses conséquences. Lorsqu'un agent de l'État est sanctionné à la suspension pour une période maximale de trois (3) mois sans être payé, l'autorité compétente indique par écrit les dates de début et de fin de la suspension.
Ingingo ya 43: Urutonde rw'abatemerewe gukora akazi mu butegetsi bwa Leta Dosiye y'umukozi wa Leta wirukanwe ku kazi mu butegetsi bwa Leta ishyikirizwa Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano kugira ngo ashyirwe ku rutonde rw'abantu batemerewe gushaka akazi cyangwa gushyirwa mu mwanya mu butegetsi bwa Leta.	**Article 43: Blacklist** The file of a public servant dismissed from the public service is submitted to the Ministry in charge of public service for the purpose of listing the dismissed public servant among persons prohibited from being recruited or appointed in public service.	**Article 43: Liste noire** Le dossier de l'agent de l'État révoqué de la fonction publique est transmis au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions pour enregistrer l'agent de l'État révoqué parmi des personnes interdites au recrutement ou à la nomination dans la fonction publique.
Ingingo ya 44: Ubwishyu bwo kwangiza cyangwa guta igikoresho cy'akazi Umukozi wa Leta wahawe igihano kubera ko yangije cyangwa yataye igikoresho cy'akazi ategekwa no kwishyura igikoresho cy'akazi yangije cyangwa yataye. Agaciro k'igikoresho	**Article 44: Payment for loss or damage of service equipment** A public servant on whom a sanction was imposed due to the loss or damage of service equipment is also ordered to pay for the service equipment damaged or lost. The value of the	**Article 44: Remboursement pour la perte ou endommagement du matériel de service** Un agent de l'État à qui une sanction a été infligée en raison de la perte ou de l'endommagement du matériel de service est également condamné à payer le matériel de

kigomba kwishyurwa ni agaciro cyari gifite igihe cyaburiye cyangwa cyangirikiye.	property to be refunded is the actual value when the property was lost or damaged.	service endommagé ou perdu. La valeur du matériel à rembourser est la valeur actuelle du jour où l'équipement est perdu ou endommagé.
Ingingo ya 45: Guhana impurirane y'amakosa yo mu rwego rw'akazi	**Article 45: Sanctioning concurrent disciplinary faults**	**Article 45: Sanctionner le concours de fautes disciplinaires**
Umukozi wa Leta uhamwe n'amakosa yo mu rwego rw'akazi y'impurirane akomotse ku gikorwa kimwe, ahabwa igihano kimwe gusa gisumba ibindi mu biteganyirijwe amakosa yakoze.	A public servant who is guilty of concurrent disciplinary faults as a result of one act is punished with only the most severe sanction among sanctions provided for the faults he or she committed.	Un agent de l'État qui se rend coupable d'un concours de fautes disciplinaires à la suite d'un même acte n'est puni que de la sanction la plus sévère parmi les sanctions prévues pour les fautes qu'il a commises.
UMUTWE WA V: IHANAGURABUSEMBWA N'UBUSAZE BW'IKOSA RYO MU RWEGO RW'AKAZI	**CHAPTER V: REHABILITATION AND PRESCRIPTION OF A DISCIPLINARY FAULT**	**CHAPITRE V: RÉHABILITATION ET PRESCRIPTION D'UNE FAUTE DISCIPLINAIRE**
Ingingo ya 46: Ihanagurabusembwa	**Article 46: Rehabilitation**	**Article 46: Réhabilitation**
Nyuma y'igihano, umukozi wa Leta ashobora gusaba mu nyandiko umuyobozi wamuhaye igihano, guhanagurwaho ubusembwa.	A public servant, after a sanction, may request in writing the authority who imposed the sanction for rehabilitation.	L'agent de l'État, après la sanction, peut demander par écrit la réhabilitation à l'autorité qui a infligé la sanction.
Ingingo ya 47: Umuyobozi ufite ububasha bwo gutanga ihanagurabusembwa	**Article 47: Competent authority with power to grant rehabilitation**	**Article 47: Autorité compétente ayant le pouvoir d'accorder la réhabilitation**
Umuyobozi w'urwego rwa Leta atanga ihanagurabusembwa ku mukozi wa Leta wahawe igihano cyo mu rwego rwa mbere cyangwa igihano cyo guhagarikwa by'agateganyo.	The head of a public institution grants rehabilitation to a public servant to whom a sanction of the first category or a sanction of suspension was imposed.	Le chef de l'institution accorde la réhabilitation à un agent de l'État à qui la sanction de la première catégorie ou la sanction de suspension a été infligée.

Umuyobozi watanze igihano cyo kwirukanwa abanza kugisha inama Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano mbere yo gufata umwanzuro wo gutanga ihanagurabusembwa.	The authority that imposed the sanction of dismissal consults the Minister in charge of public service before taking the decision on rehabilitation.	L'autorité qui a imposé la sanction de révocation consulte le Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions avant de prendre la décision sur la réhabilitation.
Ingingo ya 48: Ibisabwa mu gutanga ihanagurabusembwa	**Article 48: Requirements for granting rehabilitation**	**Article 48: Conditions pour accorder la réhabilitation**
Umukozi wa Leta usaba ihanagurabusembwa ashobora kurihabwa iyo yerekanye ko yababajwe n'ibyo yakoze kandi akarangwa n'imyitwarire myiza nyuma y'igihano.	A public servant who applies for rehabilitation may be granted rehabilitation if he or she demonstrates remorse and good behaviour after the sanction.	Un agent de l'État qui demande la réhabilitation peut se voir accorder la réhabilitation lorsqu'il fait preuve de remords et de bonne conduite après la sanction.
Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa mbere rishobora gutangwa iyo hashize nibura imyaka ibiri (2) umukozi ahanwe.	Rehabilitation on sanctions of the first category may be granted at least two (2) years after the public servant is sanctioned.	La réhabilitation pour les sanctions de la première catégorie peut être accordée au moins deux (2) ans après que l'agent de l'État a été sanctionné.
Ihanagurabusembwa ku bihano byo mu rwego rwa kabiri rishobora gutangwa iyo hashize nibura imyaka itanu (5) umukozi ahanwe.	Rehabilitation on sanctions of the second category may be granted at least five (5) years after the public servant is sanctioned.	La réhabilitation pour les sanctions de la deuxième catégorie peut être accordée au moins cinq (5) ans après que l'agent de l'État a été sanctionné.
Iyo usaba ihanagurabusembwa atarihawe kubera ko atujuje ibisabwa, yongera gusaba ihanagurabusembwa ari uko hashize umwaka umwe (1) iyo ari ibihano byo mu rwego rwa mbere n'imyaka ibiri (2) iyo ari ibihano byo mu rwego rwa kabiri.	In case a person's application for rehabilitation is rejected due to the fact that he or she does not meet the requirements, he or she re-applies for the rehabilitation after one (1) year in case of sanctions in the first category and two (2) years in case of sanctions in the second category.	Dans le cas où la demande de réhabilitation d'une personne est rejetée par le fait que le demandeur ne remplit pas les conditions, elle renouvèle sa demande de réhabilitation après un (1) an pour les sanctions de première catégorie et deux (2) ans pour les sanctions de deuxième catégorie.
Icyakora, mu nyungu rusange, umuyobozi ubifitiye ububasha ashobora guhanagura ubusembwa ku mukozi wa Leta wirukanywe,	However, due to public interest, a competent authority may rehabilitate a dismissed public servant before the period specified in this	Toutefois, pour des raisons d'intérêt public, l'autorité compétente peut réhabiliter un agent de l'État révoqué avant que la période

adategereje ko igihe kivugwa muri iyi ngingo kirangira, iyo hari ibimenyetso bihagije by'uko yagaragaje ko yababajwe n'ibyo yakoze kandi akarangwa n'imyitwarire myiza nyuma y'igihano.	Article elapses, if there is sufficient evidence that he or she has demonstrated remorse and good behaviour after the sanction.	spécifiée au présent article n'expire, lorsqu'il y a des preuves suffisantes qu'il a fait preuve de remords et de bonne conduite après la sanction.
Ingingo ya 49: Inkurikizi z'ihanagurabusembwa	**Article 49: Effects of rehabilitation**	**Article 49: Effets de la réhabilitation**
Ihanagurabusembwa rikuraho igihano umukozi wa Leta yahawe. Ihanagurabusembwa rigira agaciro uhereye umunsi ryatangiwe.	Rehabilitation puts an end to a sanction imposed to a public servant. Rehabilitation takes effect from the date on which it is granted.	La réhabilitation met fin à une sanction imposée à un agent de l'État. La réhabilitation prend effet à partir du jour où elle est accordée.
Inyandiko y'ihanagurabusembwa ibikwa muri dosiye y'umukozi wa Leta.	The document of rehabilitation is kept in the public servant's file.	Le document de réhabilitation est gardé dans le dossier administratif d'un agent de l'État.
Ingingo ya 50: Ubusaze bw'ikosa ryo mu rwego rw'akazi	**Article 50: Prescription of a disciplinary fault**	**Article 50: Prescription d'une faute disciplinaire**
Ikosa rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa mbere ridahanwe mu gihe cy'umwaka umwe (1) ntiriba rigihanwe.	A disciplinary fault punishable by a sanction of the first category that is not punished within one (1) year can no longer be punished.	Une faute disciplinaire passible d'une sanction de première catégorie qui n'est pas punie endéans un (1) an ne peut plus être punie.
Ikosa rihanishwa igihano cyo mu rwego rwa kabiri ridahanwe mu gihe cy'imyaka ibiri (2) ntiriba rigihanwe.	A disciplinary fault punishable by a sanction of the second category that is not punished within (2) years can no longer be punished.	Une faute disciplinaire passible d'une sanction de deuxième catégorie qui n'est pas punie endéans deux (2) ans ne peut plus être punie.
Igihe kivugwa muri iyi ngingo gitangira kubarwa uhereye igihe umuyobozi ubifitiye ububasha yamenyeye iryo kosa.	The period of time specified in this Article is counted from the date on which the competent authority became aware of the occurrence of	Le délai spécifié au présent article est compté à partir de la date à laquelle l'autorité compétente a pris connaissance de la faute.

	the fault.	
UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER VI: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 51: Amakosa yo mu rwego rw'akazi yatangiye gukurikiranwa	**Article 51: Pending disciplinary cases**	**Article 51: Affaires disciplinaires en cours**
Ikosa ryo mu rwego rw'akazi ryakozwe igihe Iteka rya Perezida nº 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rigena uburyo bwo gutanga ibihano ku bakozi ba Leta bakoze amakosa mu kazi ryakurikizwaga, rikaba ryaratangiye gukurikiranwa, ariko Iteka rya Perezida nº 65/01 ryo ku wa 04/03/2014 rikavaho ku itariki ya 07/12/2020 hakurikijwe ibiteganywa n'Itegeko nº 017/2020 ryo ku wa 07/10/2020 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta ikurikiranwa ry'iryo kosa ritarasozwa, rikurikiranwa kandi rigahanwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri teka.	A disciplinary fault committed when the Presidential Order nº 65/01 of 04/03/2014 determining modalities of imposing disciplinary sanctions to public servants was in force, where the disciplinary proceedings on that disciplinary fault were interrupted by the repeal of the Presidential Order nº 65/01 of 04/03/2014 on 07/12/2020 in accordance with the Law nº 017/2020 of 07/10/2020 establishing the general statute governing public servants while the disciplinary proceedings were still underway, the disciplinary proceedings of that fault are conducted and the fault sanctioned in accordance with provisions of this Order.	Une faute disciplinaire commise quand l'Arrêté Présidentiel nº 65/01 du 04/03/2014 portant modalités d'application du régime disciplinaire aux agents de l'État était en vigueur, la procédure disciplinaire sur cette faute disciplinaire ayant a été interrompue par l'abrogation de l'Arrêté Présidentiel nº 65/01 du 04/03/2014 en date du 07/12/2020 conformément à la Loi n° 017/2020 du 07/10/2020 portant statut général régissant les agents de l'État alors que cette procédure disciplinaire était encore en cours, la procédure disciplinaire relative à cette faute est menée et la faute sanctionnée conformément aux dispositions du présent arrêté.
Ingingo ya 52: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 52: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 52: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Minisitiri w'Intebe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo bashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka.	The Prime Minister and the Minister of Public Service and Labour are entrusted with the implementation of this Order.	Le Premier Ministre et le Ministre de la Fonction Publique et du Travail sont chargés de l'exécution du présent arrêté.

Ingingo ya 53: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka Ingingo zose z'amateka abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho. **Ingingo ya 54: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa** Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	**Article 53: Repealing provision** All prior provisions contrary to this Order are repealed. **Article 54: Commencement** This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	**Article 53: Disposition abrogatoire** Toutes les dispositions antérieures contraires au présent arrêté sont abrogées. **Article 54: Entrée en vigueur** Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 24/02/2021 **(sé)** **KAGAME Paul** Perezida wa Repubulika President of the Republic Président de la République
(sé) **Dr NGIRENTE Edouard** Minisitiri w'Intebe Prime Minister Premier Ministre
Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika: **Seen and sealed with the Seal of the Republic:** **Vu et scellé du Sceau de la République:** **(sé)** **BUSINGYE Johnston** Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta Minister of Justice and Attorney General Ministre de la Justice et Garde des Sceaux